Rwanda Governance Board

# RAPORO Y'IBIKORWA Y'UMWAKA 2019-2020

# GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA WA 2020-2021

URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw

P.O Box 6819, Kigali

NZERI, 2020

# RAPORO Y'IBIKORWA Y'UMWAKA
2019-2020

# GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA
2020-2021

URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw

# IJAMBO RY'IBANZE

Mu izina ry'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) no mu izina ryanjye bwite nejejwe no kubagezaho Raporo y'ibikorwa y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020 na Gahunda y'ibikorwa y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021. Nk'uko biteganywa n'Itegeko, RGB igomba gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko ishinga amategeko imitwe yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. Ni muri urwo rwego RGB itanze iyi raporo ku nshuro ya kane.

Iyi raporo igaragaza uko Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwashyize mu bikorwa ibyari biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, ikanerekana ibibazo bikeneye kwitabwaho mu nzego zitandukanye nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi n'igenzura bya RGB. Iyi raporo kandi igaragaza ibikorwa by'ingenzi RGB iteganya gukora mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021. Ibikorwa byari biteganyijwe byashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 90,5% naho ingengo y'imari yakoreshejwe ku kigero cya 92,3%. Hari ibikorwa bike byari biteganyijwe ariko bitakozwe kubera icyorezo cya COVID-19.

Ibikorwa by'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 bizibanda ku kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego zose; gukora ubushakashatsi n'igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi, ku iterambere ry'itangazamakuru no kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo. Hazibandwa kandi ku kunoza ikoranabuhanga rikoreshwa mu kwandika no kugenzura Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere ndetse n'Imitwe ya Politiki. RGB izakomeza gushyigikira iterambere ry'urwego rw'itangazamakuru no kubakira ubushobozi Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere ndetse n'Imitwe ya Politiki. RGB izakomeza kubaka ubufatanye n'imikoranire n'inzego zitandukanye hagamijwe guteza imbere amahame y'imiyoborere no kunoza imitangire ya serivisi mu nzego zose.

Ndashima umurava, ubufatanye n'ubwitange byaranze abakozi ba RGB mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'ibikorwa y'umwaka w'ingengo y'imari dusoje. Ndashimira kandi Guverinoma y' u Rwanda yafashije RGB gusohoza inshingano zayo iyigenera ingengo y'imari binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi. Ndasoza nshimira abafatanyabikorwa ku ruhare rwabo mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n'imishinga bitandukanye. Twizeye ko ubu bufatanye buzarushaho gutera imbere kugira ngo ibikorwa biteganyijwe bizagire uruhare rugaragara mu guhindura ubuzima bw'abaturage.

**Dr. Kaitesi Usta**
**Umukuru w'Urwego**

## IBIRIMO

Ijambo ry'ibanze ........ V
Ibirimo ........ VI
Urutonde rw'amashusho ........ IX
Urutonde rw'amakarita ........ X
Urutonde rw'imbonerahamwe ........ X
Ibisobanuro by'amagambo mpine ........ XII
Incamake ........ 1

INTANGIRIRO ........ 5

## IGICE CYA 1: IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2018 – 2019

1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere ........ 8
1.1.1. Igipimo cy'imiyobrere mu Rwanda (RGS) ........ 8
1.1.2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Nzego zibegereye (CRC) ........ 13
1.1.3. Ubushakashatsi ku musaruro wa gahunda y'ubwisungane mu kwivuza ........ 17
1.1.4. Ubushakashatsi ku ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) ........ 17
1.1.5. Ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda........ 18
1.1.6. Gutanga bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda ........ 20

1.2. Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ........ 21
1.2.1.Kumenyekanisha gahunda z'umwimerere Nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo ........ 21
1.2.2. Kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere Nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ........ 21

1.3. Imitangire ya serivisi........ 23
1.3.1. Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya leta ........ 23
1.3.2. Igenzura ry'imitangire ya serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga........ 29
1.3.3. Igenzura ry'imitangire ya serivisi ku bantu bafite ubumuga ........ 29
1.3.4. Igenzura ku mitangire ya serivisi zo gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange........ 30
1.3.5. Ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera"........ 32

1.4.Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza no guhuza ibikorwa bya JADF........ 33
1.4.1. Isuzuma ry'imikorere y'inzego z'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga........ 33
1.4.2. Isuzuma ry'imiyoborere y'imiryango yita kuri siporo n'imikino (Sports Federations & Club........ 34
1.4.3.Gukurikirana amatora y'Abasenateri ya 2019........ 35
1.4.4. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugenzura no kwigiranaho mu nzego z'ibanze........ 35
1.4.5. Ibiganiro ku miyoborere mu nzego zitandukanye binyujijwe muri gahunda y'imiyoborere twifuza........ 39
1.4.6. Amarushanwa y'Umurenge Kagame Cup 2020........ 40
1.4.7. Gahunda y'ubujyanama bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze........ 40
1.4.8. Guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF)........ 40

1.5. Imitwe ya Politike, Imiryango itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere........................................... 41
1.5.1. Kwandika no gukurikirana Imiryango nyarwanda itari iya Leta ...................................................................... 41
1.5.2. Kwandika no gukurikirana Imiryango mvamahanga itari iya Leta .................................................................. 41
1.5.3.Kwandika no gukurikirana Imiryango no gukurikirana Imiryango ishingiye ku myemerere ........................42
1.5.4.Gukurikirana imikorere y' Imitwe ya Politike.........................................................................................................43
1.5.5. Imiryango yagaragayemo ibibazo n'ibyemezo yafatiwe ...................................................................................43
1.5.6. Ivugurura ry'amategeko agenda imiryango nyarwanda n'Imiryango mvamahanga itari iya Leta .............45
1.5.7. Kubuka ubushobozi bw'Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere .................................................45

1.6. Urwego rw'Itangazamakuru ......................................................................................................................................49
1.6.1. Uko urwego rw'Itangazamakuru ruhagaza...........................................................................................................49
1.6.2. Guteza imbere urwego rw'Itangamakuru...............................................................................................................49
1.6.3. Kwimakaza ubunyamwuga mu rwego rw'Itangazamakuru................................................................................50
1.6.4. Ibiganiro bigamije gukangurira ibitangazamakuru gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ............................51
1.6.5. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'IMPAMYABIGWI .....................................................................51
1.6.6. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa by'imyanzuro y'icyegeranyo cya 2018 cyuko itangazamakuru rihagaze mu Rwanda (Rwanda Media Barometer 2018) ..................................................................................................52
1.6.7. Ubukangurambaga kw'itegeko ryerekeye kubona amakuru .......................................................................... 53
1.6.8. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku mavugurura yakozwe mu itangazamukuru.................54
1.6.9. Isesengura ku iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire mu rwego rw'itangazamakuru ................................54

1.7. Ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere (Policy advocacy and strategic engagements).....................................55
1.7.1. Ibiganiro bitandukanye n'abafatanyabikorwa......................................................................................................55
1.7.2. Ibiganiro ku byavuye muri RGS ya gatandatu........................................................................................................56
1.7.3. Ibiganiro n'abagize ihuriro rya Pan African Movement, Ishami ry'u Rwanda.................................................57
1.7.4. Ibiganiro n'inzego zitandukanye kuri servisi zihabwa abantu bafite ubumuga.............................................57
1.7.5. Inama nyunguranabitekerezo kuri gahunda y'inteko z'Abaturage ..................................................................58
1.7.6. Ibiganiro n' Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere ........................................................................59
1.7.7. Kwizihiza Umunsi Nyafurika w'itangazamakuru (Africa Day of Information)..................................................59
1.7.8. Kwakira amatsinda y'Abanyamahanga no gusangira ubumenyi ku miyoborere..........................................60
1.7.9. Ibiganiro ku byegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda .......................................................................61
1.7.10. Ibiganiro ku mikorere n'imikoranire n'inzego z'Itangazamakuru ..................................................................61
1.8. Ubuyobozi n'imirimo rusange.......................................................................................................................................63
1.8.1. Gushyira mu bikorwa gahunda yo kongerera Urwego n'abakozi ubushobozi...............................................63
1.8.2. Guhuza uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwandika Imiryango itari iya Leta n'imitwe ya Politike..............63
1.8.3. Gushyira mu buryo bw'ikoranabuhanga ibyavuye mu bushakashatsi bukorwa na RGB (Digitilize RGB research findings) .........................................................................................................................................................64
1.8.4. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa bya RGB.......................................................................................64
1.8.5. Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2019-2020...............................................................................65
1.8.6. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta...........................66
1.8.7. Gushyira mu bikorwa ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa bya RGB (Communication strategy)..........66
1.8.8. Kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB no mu bafatanyabikorwa.66
1.8.9. Gushyira ahagaragara icyegeranyo kigaragaza intambwe u Rwanda rwateye mu myaka 25 rubikesha imiyoborere myiza...........................................................................................................................................................67
1.8.10. Gutegura raporo y'ibikorwa ya 2019-2020.............................................................................................................67
1.8.11. Uruhare mu kubaka umuryango nyarwanda.........................................................................................................67

## IGICE CYA 2: IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO

2.1. Ibikwiye kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko....69
2.1.1. Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi ....69
2.1.2. Icyiciro cy'uburezi....70
2.1.3. Imitangire ya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga....70
2.1.4. Imbogamizi muri serivisi zihabwa abantu bafite ubumuga....71
2.1.5. Ibibazo byo mu muryango....72
2.1.6. Icyiciro cy'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere....72
2.1.7. Mu rwego rw'Itangazamakuru....73
2.1.8. Ibindi bikeneye kwitabwaho nk'uko byagaragajwe na RGS ya 7....73

## IGICE CYA 3: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

3.1. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inteko ishinga amategeko....75

## IGICE CYA 4: GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2020-2021

4.1. Gahunda y'ibikorwa y'umwaka 2020-2021....77
4.2. Gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo....77
4.3. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza, Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Uturere (JA DF)....77
4.4. Kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta....78
4.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru....78
4.6. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'urwego....78
4.7. Gukora ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere mu byiciro bitandukanye....79
4.8. Ingengo y'imari ya RGB ya 2020-2021....79

## IGICE CYA 5: IMIGEREKA

5. Imigereka....81

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho ya 1: Umubare w'Inkingi, ibipimo n'udupimo........8
Ishusho ya 2: Ikigereranyo cya RGS ya 6 n'iya 7........12
Ishusho ya 3: Ibipimo byazamutse kurusha ibindi (hejuru ya 5%)........12
Ishusho ya 4: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage........13
Ishusho ya 5: Ijanisha ry'abanyamuryango ba mituweli kuva muri 2016........17
Ishusho ya 6 : Iminota abagenzi bamara muri gare bategereje imodoka........31
Ishusho ya 7: Igipimo cy'uko inama z'inteko rusange n'iza komite nyobozi z'inzego z'abafite ubumuga ziterana..33
Ishusho ya 8: Imikoreshereze y'ingengo y'imari ........65
Ishusho ya 9: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi ........69
Ishusho ya 10: Uko abaturage babona zimwe mu nzitizi ziri mu burezi........70
Ishusho ya 11: Bimwe mu bibazo byugarije umuryango........72

## URUTONDE RW'AMAKARITA

Ikarita ya 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2020......15

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe ya 1: Incamake y'ibyavuye mu gipimo cy'Imiyorere mu Rwanda (RGS ya 7)....10
Imbonerahamwe ya 2: Impinduka zagaragaye mu byiciro byakoreweho ubushakashatsi ugereranyije na CRC 2019.......14
Imbonerahamwe ya 3: Impinduka zabaye mu manota y'uturere....16
Imbonerahamwe ya 4: Uko bimwe mu byegeranyo mpuzamahanga bigaragaza u Rwanda....19
Imbonerahamwe ya 5: Ibimaze gukorwa mu kwandikisha ku rwego mpuzamahanga gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisibuzo....21
Imbonerahamwe ya 6: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu bigo bya Leta....23
Imbonerahamwe ya 7: Uko inzego za Leta zagenzuwe zihagaze mu mitangire ya serivisi ....24
Imbonerahamwe ya 8: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu nzego z'abikorera....25
Imbonerahamwe ya 9: Uko inzego z'abikorera zagenzuwe zihagaze mu mitangire ya serivisi....26
Imbonerahamwe ya 10: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta....27
Imbonerahamwe ya 11: Uko imitangire ya serivisi ihagaze mu miryango itari iya Leta yagenzuwe ....28
Imbonerahamwe ya 12: Incamake y'ibyagaragaye mu isuzuma ry'imiyoborere mu miryango yita kuri siporo n'imikino...34
Imbonerahamwe ya 13: Ibibazo byagaragajwe ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu ntara y'Amajyepfo....36
Imbonerahamwe ya 14: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Iburasizuba....37
Imbonerahamwe ya 15: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Amajyaruguru....37
Imbonerahamwe ya 16: ibibazo byagaragaye ku bigo nderabuzima ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Amajyaruguru....37
Imbonerahamwe ya 17: Inguzanyo zitangwa ku mishanga iciriritse mu rwego rwa VUP mu Ntara y'Iburasirazuba....38
Imbonerahamwe ya 18: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa....41
Imbonerahamwe ya 19: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga....42
Imbonerahamwe ya 20: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa....44
Imbonerahamwe ya 21: Inkunga yatanzwe ku miryango itari iya leta mu byiciro bitandukanye ....45
Imbonerahamwe ya 22: Ibitangazamakuru bikorera mu Rwanda....49
Imbonerahamwe ya 23: Inzego zifatanyije na RGB mu gutanga ibihembo....51
Imbonerahamwe ya 24 : Ibikorwa byakozwe n'Impamyabigwi....52
Imbonerahamwe ya 25: Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya RMB 2018 ....52
Imbonerahamwe ya 26: Ilbiganiro n'imiryango itari iya Leta....59
Imbonerahamwe ya 27: Ibikorwa bitarangiye ....64
Imbonerahamwe ya 28: Ingengo y'imari yagenwe n'iyakoreshejwe mu mafaranga y'u Rwanda ....65
Imbonerahamwe ya 29: Ibyakozwe mu kwimakaza ihame ry'uburinganire ....66
Imbonerahamwe ya 30: Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe na RGS ya 7....73
Imbonerahamwe ya 31: Uko imyanzuro y'Inteko ishinga amategeko yashyizwe mu bikorwa....75

# IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

| | |
|---|---|
| AKWOS: | Umuryango ugamije guteza imbere siporo y'abagore |
| ARJ: | Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru |
| ARPST: | Ishyirahamwe ry'Imikino y'Abakozi mu Rwanda |
| BDF: | Ikigega gishinzwe kwishingira imishinga mito n'iciriritse |
| BNR: | Banki Nkuru y'u Rwanda |
| CBHI: | Gahunda y'ubwisungane mu kwivuza |
| CNLG: | Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya Jenoside |
| CoK: | Umujyi wa Kigali |
| CRC: | Ishusho y'uko Abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya Serivisi mu Nzego zibegereye |
| CSO: | Imiryango ya Sosiyete sivile |
| DJA: | Ibihembo bihabwa abanyamakuru n'ibitangazamakuru by'indashyikirwa |
| EPRN: | Ihuriro ry'ubushakashatsi kuri politike y'ubukungu |
| FBOs: | Imiryango ishingiye ku myemerere |
| FERWABA: | Ishyirahamwe ry'umukino w'intoki wa Basketball mu Rwanda |
| FERWACY: | Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda |
| FERWAFA: | Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda |
| FRVB: | Ishyirahamwe ry'umukino wa Volleyball mu Rwanda |
| FERWAHAND: | Ishyirahamwe ry'Umukino wa Handball mu Rwanda |
| HEC: | Inama Nkuru y'Igihugu y'Uburezi |
| HGS: | Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo |
| ICK: | Kaminuza Gatolika ya Kabgayi |
| IMRO: | Ihorere Munyarwanda Organisation |
| INGOs: | Imiryango mvamahanga itari iya Leta |
| INMR: | Ikigo k'Igihugu gishinzwe Ingoro Ndangamurage mu Rwanda |
| JADF: | Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'uturere |
| NNGOs: | Imiryango nyarwanda itari iya Leta |
| LODA: | Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze |
| MHC: | Inama Nkuru y'Itangazamakuru |
| MIGEPROF: | Minisiteri y' Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango |
| MINAGRI: | Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi |
| MINALOC: | Minisiteri y'Ubutegesti bw'Igihugu |
| MINECOFIN: | Minisiteri y'Imari n'igenamigambi |
| MINEDUC: | Minisiteri y'Uburezi |
| MINICAAF: | Minisiteri ishinzwe Imirimo y'Inama y'Abaminisitiri |
| MINICOM: | Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda |
| MININFRA: | Minisiteri y'Ibikorwaremezo |
| MINIJUST: | Minisiteri y'Ubutabera |
| MINIPRESIREP: | Minisiteri muri Perezidansi ya Repubulika |
| MINICT: | Minisiteri y'Ikoranabuhanga no guhanga ibishya |
| MoE : | Minisiteri y'Ibidukikije |
| MoH: | Minisiteri y'Ubuzima |
| NAEB: | Ikigo gishinzwe guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi |
| NBAs: | Inzego zitagenerwa ingengo y'imari ya Leta n'itegeko |
| NCHR: | Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa muntu |

# IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

| | |
|---|---|
| NCPD: | Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga |
| NEC: | Komisiyo y'Igihugu y'amatora |
| NIDA: | Ikigo cy'Igihugu cy'Indangamuntu |
| NIRDA: | Ikigo cy'Igihugu cy'Ubushakashatsi n'Iterambere mu byerekeye Inganda |
| NPC: | Komite y'Igihugu y'Imikino y'Abamugaye |
| NST: | Guhunda ya guverinoma igamije kwihutisha iterambere |
| NURC: | Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge |
| PL/PR: | Gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana |
| PSF: | Urugaga rw'Abikorera |
| RAB: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi |
| RAF: | Ishyirahamwe ry'imikino Ngororamubiri mu Rwanda |
| RALGA: | Ishyirahamwe ry'uturere n'Umujyi wa Kigali |
| RALSA: | Ikigo cy'Igihugu cy'ishyinguranyandiko na serivisi z'inkoranyabitabo |
| RBA: | Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru |
| RBC: | Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima |
| RBM: | Imicungire igamije umusaruro |
| RCA: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere amakoperative |
| RCI: | Ikigo gishinzwe kubyaza umusaruro uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. |
| RDB: | Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda |
| RDRC: | Komisiyo y'igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare |
| REAF: | Urubuga Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda |
| REB: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi |
| REFAC: | Umuryango uharanira ugateza imbere uburezi mu Rwanda |
| REG: | Ikigo gishinzwe ingufu n'amashanyarazi |
| REMA: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije |
| RGB: | Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere |
| RGS: | Ubushakashatsi ku gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda |
| RISA: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ikoranabuhanga |
| RLMUA: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka |
| RMB: | Igipimo cy'iterambere ry'itangazamamakuru |
| RMI: | Ikigo cy'Igihugu cy'Amahugurwa mu by'Imicungire y'Abakozi n'Umutungo |
| RWAMREC: | Umuryango uharanira guteza imbere uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| RNOSC: | Komite Olempike y'u Rwanda |
| RPPA: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta |
| RRA: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro |
| RSB: | Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge |
| RSSB: | Ikigo cy'igihugu cy'ubwiteganyirize |
| RTDA: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubwikorezi |
| RURA: | Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro |
| RWARRI: | Umuryango nyarwanda ugamije kurinda no kurengera ibidukikije |
| SACCO: | Koperative yo kubitsa no kugurizanya |
| SGF: | Ikigega cyihariye cy'Ingoboka |
| UNDP: | Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere |
| WASAC: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya no gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura |

# INCAMAKE

RAPORO Y'IBIKORWA
Y'UMWAKA
2019-2020

GAHUNDA Y'IBIKORWA
Y'UMWAKA WA
2020-2021

# INCAMAKE

Iyi raporo iragaragaza mu buryo burambuye ibyagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2020-2021.

Ibyakozwe bikubiye mu byiciro 7 bikurikira: (1) Ubushakashatsi ku miyoborere, (2) Gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, (3) Kugenzura imitangire ya serivisi, guteza imbere imiyoborere myiza n'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere, (4) Kwandika, gukurikirana no kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta (5) Guteza imbere urwego rw' itangazamakuru, (6) Ibiganiro bishimangira ubufatanye n'imikorere inoze n'ubuvugizi (7) Kubaka ubushobozi bw'Urwego n'imirimo rusange.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, RGB yari yateganyije ibikorwa 63. Ibikorwa 57 bihwanye na 90,5% byarakozwe birarangira. Naho ibikorwa 6 bihwanye na 9,5% ntibyarangiye ahanini bitewe n'icyorezo cya COVID-19.

RGB yari yagenewe ingengo y'imari ya 3.810.932.315 z'amafaranga y' u Rwanda. Muri ayo, 1.996.545.944 Frw yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta naho 1.814.386.371 Frw yatanzwe n'Abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'Imiyoborere myiza. Muri rusange iyi ngengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 92,3% ni ukuvuga 85,5% by'imari ya Leta na 99,7% by'ingengo y'imari y'imishinga.

Mu rwego rw'ubushakashatsi, RGB yakoze inashyira ahagaragara Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Scorecard 7th Edition). Muri ubu bushakashatsi bukozwe ku nshuro ya 7, inkingi y'Umutekano yakomeje kuza ku isonga n'amanota 95,44%. Habayeho kandi izamuka ry'amanota ku nkingi zose uko ari umunani. Inkingi y'Imiyoborere abaturage bagizemo uruhare kandi idaheza (Participation and Inclusiveness) niyo yazamutseho amanota menshi (8,96%) ugereranyije n'izindi nkingi. Nubwo igipimo cy'inkingi y'Imibereho myiza y'abaturage cyazamutse kikava kuri 68,53% kikajya kuri 73,32%, iyi nkingi niyo yaje inyuma muri RGS ya 7 nk'uko byari no muri RGS ya 6.

RGB yanakoze ubushakashatsi ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC). Impuzandengo ya CRC 2020 ni 71,3% mu gihe iya CRC 2019 yari 70,4%. Urwego rw'umutekano rwakomeje kuza ku isonga n'amanota 91,6% naho urwego rw'ubuhinzi rwakomeje kuza inyuma y'izindi n'amanota 58,5% nubwo rwazamutseho 3,5% kuko rwari kuri 55% muri CRC 2019. Muri CRC 2020, urwego rwazamutse kurusha izindi ni Ubworozi bwavuye ku manota 62,7% muri CRC 2019 rugera kuri 74,9% muri CRC 2020.

RGB yakoze kandi ubushakashatsi ku musaruro wa Gahunda y'Ubwisungane mu kwivuza (CBHI) ndetse n'ubushakashatsi bugamije gusuzuma niba Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere (JADF) ryashyirwa mu buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.

Ku birebana n'Ubwisungane mu kwivuza ubushakashatsi bwagaragaje ko 97,2% by'ababajijwe bafite icyizere cy'ubuzima bwiza no kubona ubuvuzi bwiza kubera Gahunda y'Ubwisungane mu kwivuza. Ubushakashatsi kandi bwagaragaje ko abaturage bishimira amavugurura yakozwe muri Gahunda y'Ubwisungane mu kwivuza arimo kuba abanyamuryango bemererwa kwivuriza ku ivuriro ribegereye, gukoresha indangamuntu ugiye kwivuza n'ishyirwaho ry'uburyo butandukanye bubafasha gutanga umusanzu wabo w'Ubwisungane mu kwivuza.

Ku birebana na JADF, hashingiwe ku biranga uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo, ibyavuye mu bushakashatsi byagaragaje ko

JADF yujuje ibigenderwaho mu kwemeza uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.

RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo mpuzamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu byiciro binyuranye hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga. Ibyavuye mu isesengura RGB yakoze kuri ibi byegeranyo byashyikirijwe inzego bireba hanakorwa ibiganiro kugira ngo izo nzego zirusheho kumenya uburyo ibi byegeranyo bikorwa, ibikubiyemo no gufata ingamba ku bigaragazwa n'ibyo byegeranyo cyane cyane amakuru atajyanye n'igihe ndetse n'aho bigaragaza ibipimo biri hasi ku Rwanda.

Mu rwego rwo gusigasira no kurinda uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo, RGB yandikishije ku rwego rw'Igihugu gahunda ya Ndi Umunyarwanda (amazina n'ibirango). Iyi ikaba yiyongera ku zindi gahunda eshanu zanditswe mbere arizo: Gacaca, Abunzi, Imihigo, Umushyikirano na Girinka.

Naho ku rwego mpuzamahanga, RGB yakomeje gukurikirana igikorwa cyo kwandikisha Gahunda eshatu z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo arizo: Abunzi, Imihigo n'Umushyikirano. Umuryango mpuzamahanga wo kurengera uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge (World Intellectual Property Organization - WIPO) wamenyesheje RGB ko bamwe mu banyamuryango bawo bamaze kwemera iyandikishwa ry'izo gahunda hakaba hategerejwe ko abasigaye nabo basubiza.

Mu mwaka wa 2019-2020 RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego 20 za Leta, 10 z'abikorera n'Imiryango itari iya Leta 20. Igenzura ryagaragaje ko igipimo cy'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta kiri kuri 69,43%, mu rwego rw'abikorera ni 69,16% naho mu miryango itari iya Leta ni 65,65%.

RGB yanakoze igenzura ryihariye kuri serivisi z'inzego za Leta zitangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga. Igenzura ryagaragaje ko muri serivisi 670 zishobora gutangwa hifashishijwe ikoranabuhanga, 226 zihanywe na 33% arizo zitangwa hifashishijwe ikorabuhanga kugeza ku ndunduro. Ibi bikaba bigaragaza ko hakenewe kongera imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga kugira ngo muri 2024 serivisi zose z'inzego za Leta zizabe zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga nk'uko biteganywa muri Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Irindwi (NST1). Hakozwe kandi igenzura mu zindi nzego zihariye harimo serivisi zihabwa abantu bafite ubumuga na serivisi zo gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange.

Mu rwego rw'imitangire ya serivisi na none RGB yakomeje ubukangurambaga "Nk'uwikorera" bugamije kunoza imitangire ya serivisi ndetse inahugura abakozi bayo ku mitangire ya serivisi.
Mu bijyanye no guteza imbere amahame y'imiyoborere, RGB yakoze isuzuma ry'imikorere y'inzego z'Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga ku rwego rw'akarere, umurenge n'akagari; isuzuma ry'imiyoborere mu miryango yita kuri siporo n'imikino; ibiganiro ku miyoborere mu nzego zitandukanye binyuze muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza; gukurikirana amatora y'abasenateri; guhuza ibikorwa bya JADF na gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho.

Ku birebana na gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho, RGB yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda inasesengura raporo yahawe n'Intara n'Umujyi wa Kigali. Isesengura ryagaragaje ko Umujyi wa Kigali ariwo wakoze gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho hakurikijwe amabwiriza ayigenga naho mu ntara zose iyi gahunda ntiyashyizwe mu bikorwa uko biteganywa n'amabwiriza.

Ku birebana n'isuzuma ry'imikorere y'inzego z'Inama y'igihugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagari byagaragaye ko izi nzego zidakora uko bikwiye.

Ahandi hagaragaye icyuho mu miyoborere n'imikorere ni mu miryango yita kuri siporo n'imikino (sports federations & clubs). Igenzura RGB yakoze ryagaragaje

ko inzego z'iyi miryango zidakora uko bikwiye bigateza icyuho mu miyoborere, imicungire y'umutungo n'iyubahirizwa ry'amategeko shingiro y'iyo miryango bikadindiza iterambere rya siporo n'imikino.

Hagamijwe kuzamura uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyobobrere (RGB) rufatanyije n'abagize Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) bateguye inama eshanu (5) ziteganywa n'itegeko. Hakozwe kandi inama eshatu mpuzabikorwa z'igihembwe muri enye zari ziteganyijwe, indi imwe ikaba itarabashije gutegurwa kubera icyorezo cya COVID-19.

Mu mwaka wa 2019-2020, RGB yanditse Imiryango nyarwanda itari iya Leta mishya 285 inatanga ubuzimagatozi ku miryango nyarwanda itari iya Leta 115. RGB yananditse Imiryango mishya ishingiye ku myemerere 31, inatanga ibyangombwa ku miryango 306 yahuje amategeko shingiro yayo n'itegeko rishya rigenga iyo miryango. Imiryango mvamahanga itari iya Leta mishya 11 yaranditswe, 125 yongerewe igihe cyo gukorera mu Rwanda.

Mu rwego rwo gufasha imiryango itari iya Leta kuzamura uruhare mu iterambere ry'Igihugu, RGB yatanze inkunga y'amafaranga 892.490.724 Frw ku miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 35. Iyo nkunga yari igamije gufasha iyo miryango gushyira mu bikorwa imishinga itandukanye igamije iterambere ry'abaturage.

Mu rwego rwo kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, RGB yatanze inkunga ya 177.536.382 Frw ku mashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru. Inkunga yatanzwe yafashije gushyigikira gahunda yo kwigenzura kw'itangazamakuru no gushyira mu bikorwa imishinga y'amwe mu mashyirahamwe y'abanyamakuru. Mu rwego rwo guteza imbere ubunyamwuga n'umuco w'ubudashyikirwa mu itangazamakuru, ku bufatanye n'abandi bafatanyabikorwa, hahembwe abanyamakuru babaye indashyikirwa mu mwaka wa 2019. Muri rusange hatanzwe ibihembo 29 bifite agaciro ka miliyoni 24 z'amafaranga y'u Rwanda.

RGB kandi yagiranye inama n'ibiganiro n'inzego ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye hagamijwe kugaragaza ibyavuye mu bushakashatsi n'igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi. Muri bi biganiro, RGB kandi yatanze inama inakora ubuvugizi ku bibazo byagaragajwe birebana n'imiyoborere n'imitangire ya serivisi.

Mu bikorwa bijyanye n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hibanzwe ku bikorwa byo kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo, kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose by'Urwego no mu bafatanyabikorwa no gushyira ku ikoranabuhanga serivisi n'ibikorwa bitandukanye by'Urwego.

Muri iyi raporo, RGB iragaragaza kandi ibibazo bikeneye kwitabwaho by'umwihariko. Ibyinshi muri byo byiganje mu buhinzi, uburezi na gahunda zo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021, RGB yateganyije ibikorwa 41 bizatwara ingengo y'imari ya 2,731,413,372 Frw. Muri ayo, 1.632.697.061 Frw azava mu ngengo y'imari ya Leta naho 1,098,716,311 Frw akazava mu bafatanyabikorwa.

# INTANGIRIRO

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwashyizweho n'itegeko N°56/2016 ryo ku wa 16/12/2016 rukaba rufite inshingano zikurikira:

1. Kugenzura mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta ;
2. Gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda, kugaragaza uko abaturage babona ibibakorerwa no kubimenyekanisha;
3. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda no gushyiraho uburyo bwabyazwa umusaruro;
4. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo byaba bikorwa n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;
5. Kugira Leta inama ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage no gutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze;
6. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinoma n'izindi nzego bireba;
7. Kugira inama Leta ku birebana na politiki n'ingamba bifitanye isano no kwimakaza imikorere n'imiyoborere myiza biteza imbere Igihugu;
8. Gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere;
9. Gushyiraho ingamba zo gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no kubigaragarizwa;
10. Kwandika, gutanga ubuzimagatozi ku miryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere no gukurikirana ko imikorere yayo ikurikiza amategeko;
11. Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo;
12. Kwandika Imitwe ya politiki no gukurikirana imikorere yayo;
13. Guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo;
14. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere;
15. Gukorana n'abantu, ibigo n'amashyirahamwe byo mu gihugu ndetse n'ibyo mu mahanga bikora imirimo imwe;
16. Gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi izindi nzego za Leta zivugwa muri iri tegeko;
17. Gushyiraho imirongo ngenderwaho mu iyandikwa ry'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere.

## RGB IFITE UBUBASHA BUKURIKIRA:

- Gusaba ibisobanuro ku byerekeye imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta n'iz'abikorera no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi;
- Gusaba ibisobanuro, guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa cyangwa kwambura ubuzimagatozi imiryango itari iya Leta cyangwa imiryango ishingiye ku myemerere;
- Guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku miryango mvamahanga itari iya Leta;

- Gufatira ibyemezo Umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa n'amategeko;
- Kwemeza ko uburyo bukoreshwa mu Rwanda ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo no gukurikirana ubukoresha nabi cyangwa ubukoresha atabifitiye uburenganzira.

IGICE CYA 1:

# IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2019 – 2020

# 1.1. UBUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE

Mu mwaka wa 2019-2020, RGB yakoze ubushakashatsi bukurikira: Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS), Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) n'ubushakashatsi bwihariye ku musaruro wa gahunda y'ubwisungane mu kwivuza. RGB kandi yakoze ubushakashatsi bugamije gusuzuma niba Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) ari uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. Ubu bushakashatsi bukorwa kugira ngo haboneke amakuru yifashishwa mu gushyiraho no kugena politiki zitandukanye.


RGB yanakoze isesengura ku byegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda, ndetse itanga uburenganzira bw'ibanze ku banyamahanga no ku banyarwanda bwo gukora ubushakashatsi ku miyoborere no kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo; inakurikirana uko ubwo bushakashatsi bukorwa.

## 1.1.1. Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS)

Igipimo cy'Imiyoborere ni ubushakashatsi bukorwa hagamijwe kugaragaza ishusho y'imiyoborere mu Rwanda no gutanga amakuru afasha mu igenwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki zitandukanye zirebana n'iterambere n'imiyoborere by'Igihugu.

Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 7 kigizwe n'inkingi 8, ibipimo 35 n'udupimo 136 nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira;

Ishusho ya 1: Umubare w'Inkingi, ibipimo n'udupimo




Aho byavuye: RGS 7th Edition

Ugereranyije RGS ya 7 n'iyayibanjirije (RGS ya 6), umubare w'ibipimo wavuye kuri 36 ujya kuri 35, naho udupimo twavuye 130 tuba 136. Mu gukora ubu bushakashatsi kandi, habayeho kuvugurura inyito za bimwe mu bipimo n'udupimo. Izi mpinduka zakozwe hagamijwe kurushaho kunoza uburyo ubushakashatsi bukorwa.

## IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI KU GIPIMO CY'IMIYOBORERE (RGS YA 7)

Muri RGS ya 7, inkingi eshanu ku munani ziri ku gipimo cya 80% kuzamura; mu gihe eshatu zisigaye ziri ku gipimo kiri hagati ya 60% na 79,9%. Inkingi y'umutekano niyo yaje ku isonga n'amanota 95,44% naho inkingi yo kuzamura imibereho myiza y'abaturage yaje inyuma n'amanota 73,32%.

Ku rundi ruhande, ibipimo 23 muri 35 biri ku kigero cya 80% kuzamura, naho ibipimo 12 biri hagati ya 60% na 79,9%. Ku birebana n'udupimo, 80 ku 136 turi ku gipimo cya 80% kuzamura, udupimo 49 turi hagati ya 60% na 79,9% naho 7 turi hagati ya 40 na 59,9%, mu gihe nta nkingi aho igipimo cyangwa agapimo kari munsi ya 40%.

| Amanota | Umwanya (mu mabara) | Amabara |
|---|---|---|
| **0-39.9** | | umutuku |
| **40-59.9** | | Ikijuju |
| **60-79.9** | | Umuhondo |
| **80-100** | | Icyatsi kibisi |

Ugereranyije RGS ya 6 n'iya 7, Inkingi y'umutekano niyo ikomeje kuza ku isonga ku gipimo cya 95,44%. Muri rusange inkingi zose uko ari umunani zarazamutse. Inkingi y'imiyoborere abaturage bagizemo uruhare kandi idaheza niyo yazamutse kurusha izindi ku kigero cya 8,96 %. Inkingi yo kuzamura imibereho myiza y'abaturage niyo yakomeje kuza inyuma nubwo yazamutseho 4,8%.


## IMBONERAHAMWE YA 1: **INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU GIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS YA 7)**

| IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO 87.86 | | UBURENGANZIRA MU BYA POLITIKE N'UBWISANZURE BW'ABATURAGE 85.76 | | IMIYOBORERE ABATURAGE BAGIZEMO URUHARE KANDI IDAHEZA 81.96 | | UMUTEKANO 95.44 | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Imikorere y'ubucamanza | 81.89 | Demokarasi n'ubwisanzure | 85.71 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 82.53 | Kubungabunga umutekano | 95.06 |
| Imikorere y'ubushinjacyaha | 93.05 | Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu gushyiraho politiki | 74.85 | Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage | 87.52 | Umutekano rusange w'Igihugu | 98.86 |
| Kubona ubutabera ku gihe | 85.99 | Imikorere y'imitwe ya politike | 91.90 | Uruhare rwa sosiyete sivile | 73.20 | Umutekano w'abantu n'ibintu | 94.09 |
| Imikorere y'inteko ishinga amategeko | 90.50 | Kubona amakuru afitwe n'inzego za Leta | 86.34 | Uburinganire mu nzego z'ubuyobozi | 79.63 | Ubumwe, ubwiyunge n'imibanire y'abanyarwanda | 93.75 |
| | | Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu n'iry'amasezerano mpuzamahanga | 90.00 | Gusaranganya ubutegetsi | 86.94 | | |

## IMBONERAHAMWE YA 1: INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU GIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS YA 7)

| KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE | KURWANYA RUSWA NO GUKORERA MU MUCYO | IREME RY'IMITANGIRE YA SERIVISI | IMIYOBORERE MU BUKUNGU N'UBUCURUZI |
|---|---|---|---|
| 73.32 | 86.28 | 78.31 | 78.14 |
| Uburezi 76.34 | Ibyaha bijyanye na ruswa 87.20 | Serivisi z'imiyoborere n'ubutabera 86.15 | Ibipimo by'ubukungu 81.43 |
| Ubuzima 84.99 | Kurwanya ruswa 83.39 | Serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage 76.90 | Guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga n'inganda 73.16 |
| Gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage 61.86 | Gukorera mu mucyo 88.77 | Serivisi z'ubukungu 71.86 | Guteza imbere ishoramari 84.23 |
| Guhangana n'ingaruka z'imihinda-gurikire y'ikirere no kubungabunga ibidukikije 70.07 | Kugaragariza abaturage ibibakorerwa 85.77 | Ubugenzuzi ku mitangire ya serivisi 72.60 | Imicungire y'ibigo by' ubucuruzi 73.72 |
| | | Imtangire ya serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga 84.04 | |


Ishusho ya 2: Ikigereranyo cya RGS ya 6 n'iya 7




Aho byavuye: RGS 7th Edition

Ibyavuye mu bushakashatsi bwa RGS ya 7 bigaragaza ko ibipimo 12 kuri 35 byazamutse ku kigereranyo kiri hejuru ya 5%. Igipimo kirebana no kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi nicyo kiza imbere mu byazamutse cyane kuko cyazamutseho 22,90%.

Ishusho ya 3: Ibipimo byazamutse kurusha ibindi (hejuru ya 5%)




Aho byavuye: RGS 7th Edition

## 1.1.2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC)

Ubushakashatsi bwa CRC bukorwa buri mwaka hagamijwe kugaragaza uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego zibegereye ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa. Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi ni ugufasha inzego zegereye abaturage kunoza imitangire ya serivisi no kurushaho kurangwa n'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga.


Ubushakashatsi bwa CRC 2020 bwubakiye ku byiciro 16 hagendewe ku nkingi eshatu za gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) arizo Ubukungu, Imibereho myiza, n'Imiyoborere.

Mu bukungu hasuzumwe ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ubutaka n'ibidukikije, urwego rw'abikorera ndetse n'itumanaho n'ikoranabuhanga nk'icyiciro gishya cyiyongereyemo kubera uruhare rwaryo mu mitangire ya serivisi no mu iterambere ry'Igihugu. Mu mibereho myiza hasuzumwe uburezi, ubuzima, isuku n'isukura, imibereho y'abaturage, umuryango n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Mu miyoborere n'ubutabera hasuzumwe inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

### Ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2020

CRC ya 2020 yagaragaje ko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi ku kigero cya 71,3%. Mu byiciro 16 byasuzumwe, umunani biri hejuru ya 70%, aho umutekano waje ku isonga n'amanota 91,6% naho ubuhinzi bwaje ku mwanya wa nyuma n'amanota 58,5%.

Ishusho ya 4: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage




Aho byavuye: CRC 2020

### Imbonerahamwe ya 2: Impinduka zagaragaye mu byiciro byakoreweho ubushakashatsi ugereranyije na CRC 2019

| Nº | IBYICIRO | CRC 2020 | CRC 2019 | IMPINDUKA (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | UBWOROZI | 74.9% | 62.7% | ▲ | 12.2% |
| 2 | ISUKU | 73.9% | 69.2% | ▲ | 4.7% |
| 3 | URUHARE RW'ABATURAGE | 77.2% | 73.1% | ▲ | 4.0% |
| 4 | UBUTABERA | 80.1% | 76.4% | ▲ | 3.7% |
| 5 | UBUHINZI | 58.5% | 55.0% | ▲ | 3.5% |
| 6 | UMUTEKANO | 91.6% | 89.4% | ▲ | 2.3% |
| 7 | UBUTAKA N'IBIDUKIKIJE | 65.7% | 63.9% | ▲ | 1.9% |
| 8 | GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE | 68.0% | 67.3% | ▲ | 0.7% |
| 9 | URWEGO RW'ABIKORERA | 64.3% | 63.8% | ▲ | 0.5% |
| 10 | IYUBAHIRIZWA RYAMAHAME N'IMIYOBORERE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU | 86.2% | 88.5% | ▼ | -2.3% |
| 11 | IMIBEREHO Y'UMURYANGO NYARWANDO | 73.5% | 77.1% | ▼ | -3.7% |
| 12 | UBUZIMA | 72.4% | 72.9% | ▼ | -0.5% |
| 13 | INZEGO Z'IBANZE | 67.7% | 71.3% | ▼ | -3.6% |
| 14 | UBUREZI | 62.6% | 63.6% | ▼ | -1.0% |
| 15 | IBIKORWAREMEZO | 60.0% | 61.7% | ▼ | -1.7% |
| 16 | IKORANABUHANGA N' ITUMANAHO | 64.6% | _ | - | _ |
| IGITERANYO | | 71.3% | 70.4% | ▲ | 0.9% |

Aho byavuye: CRC 2020

Ugereranyije CRC 2020 na CRC 2019 hari ibyiciro byagaragayemo impinduka nziza birimo ubworozi bwazamutse ku kigero cya 12,22%, uruhare rw'abaturage 4,05% n'ubutabera 3,67%.

### Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere

| AKARERE | CRC 2020 |
|---|---|
| Rulindo | 79.1% |
| Nyabihu | 76.4% |
| Gakenke | 76.2% |
| Rwamagana | 75.8% |
| Musanze | 75.4% |
| Gisagara | 75.1% |
| Gicumbi | 75.0% |
| Bugesera | 74.3% |
| Karongi | 74.2% |
| Rubavu | 73.6% |


| AKARERE | CRC 2020 |
|---|---|
| Nyanza | 73.6% |
| Ngororero | 73.0% |
| Ruhango | 72.9% |
| Ngoma | 72.8% |
| Rusizi | 72.0% |
| Muhanga | 71.3% |
| Nyamasheke | 71.2% |
| Burera | 70.9% |
| Huye | 70.5% |
| Kicukiro | 70.4% |

| AKARERE | CRC 2020 |
|---|---|
| Rutsiro | 69.9% |
| Nyaruguru | 68.8% |
| Kamonyi | 68.2% |
| Nyarugenge | 67.8% |
| Kayonza | 67.5% |
| Kirehe | 67.2% |
| Gatsibo | 66.2% |
| Nyamagabe | 65.2% |
| Nyagatare | 64.8% |
| Gasabo | 63.9% |
| Impuzandengo | 71.3% |

## Uko uturere duhagaze muri CRC 2020

Muri rusange, mu turere 7 abaturage bashima serivisi bahabwa n'inzego zibegereye ndetse n'uruhare rwabo mu bibakorerwa nibura ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Akarere ka Rulindo kaje ku isonga n'amanota 79,1% mu gihe Akarere ka Gasabo kari ku mwanya wa nyuma n'amanota 63,9%.

Ikarita ya 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2020




Aho byavuye: CRC 2020

## Imbonerahamwe ya 3: Impinduka zabaye mu manota y'uturere

| Nº | AKARERE | CRC 2020 | CRC 2019 | IMPINDUKA (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 73.6% | 67.0% | ▲ | 6.7% |
| 2 | Nyanza | 73.6% | 67.1% | ▲ | 6.5% |
| 3 | Gisagara | 75.1% | 69.7% | ▲ | 5.3% |
| 4 | Kayonza | 67.5% | 62.3% | ▲ | 5.1% |
| 5 | Nyabihu | 76.4% | 71.4% | ▲ | 5.0% |
| 6 | Rulindo | 79.1% | 74.6% | ▲ | 4.5% |
| 7 | Ruhango | 72.9% | 68.7% | ▲ | 4.2% |
| 8 | Karongi | 74.2% | 70.1% | ▲ | 4.1% |
| 9 | Kicukiro | 70.4% | 66.6% | ▲ | 3.8% |
| 10 | Huye | 70.5% | 66.8% | ▲ | 3.8% |
| 11 | Gakenke | 76.2% | 73.6% | ▲ | 2.6% |
| 12 | Musanze | 75.4% | 72.8% | ▲ | 2.6% |
| 13 | Bugesera | 74.3% | 71.7% | ▲ | 2.6% |
| 14 | Gatsibo | 66.2% | 63.9% | ▲ | 2.3% |
| 15 | Rwamagana | 75.8% | 73.5% | ▲ | 2.2% |
| 16 | Ngororero | 73.0% | 71.2% | ▲ | 1.8% |
| 17 | Muhanga | 71.3% | 69.6% | ▲ | 1.7% |
| 18 | Ngoma | 72.8% | 71.6% | ▲ | 1.2% |
| 19 | Gicumbi | 75.0% | 74.0% | ▲ | 1.0% |
| 20 | Rusizi | 72.0% | 71.2% | ▲ | 0.7% |
| 21 | Nyamasheke | 71.2% | 71.2% | = | 0.0% |
| 22 | Rutsiro | 69.9% | 71.7% | ▼ | -1.8% |
| 23 | Nyaruguru | 68.8% | 70.8% | ▼ | -2.1% |
| 24 | Nyamagabe | 65.2% | 67.5% | ▼ | -2.3% |
| 25 | Nyagatare | 64.8% | 67.8% | ▼ | -3.0% |
| 26 | Burera | 70.9% | 73.9% | ▼ | -3.1% |
| 27 | Nyarugenge | 67.8% | 71.8% | ▼ | -4.0% |
| 28 | Kirehe | 67.2% | 71.5% | ▼ | -4.3% |
| 29 | Kamonyi | 68.2% | 73.9% | ▼ | -5.6% |
| 30 | Gasabo | 63.9% | 71.4% | ▼ | -7.4% |
| IGITERANYO | | 71.3% | 70.4% | ▲ | 0.9% |

Aho byavuye: CRC 2020


Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, RGB yanakoze imenyekanisha ry'ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2019 ku rwego rw'Intara zose n'umujyi wa Kigali ndetse no mu turere twose hagamijwe kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa no kunoza imitangire ya serivisi.

### 1.1. 3. Ubushakashatsi ku musaruro wa gahunda y'ubwisungane mu kwivuza

RGB yakoze ubushakashatsi kuri gahunda y'ubwisungane mu kwivuza hagamijwe gusuzuma impinduka iyo gahunda yagize ku buzima bw'abaturage kuva mu mwaka wa 2015.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bagenda barushaho kumva akamaro k'ubwisungane mu kwivuza bikagaragazwa n'umubare w'abanyamuryango ugenda wiyongera. Umubare w'ababyeyi babyarira kwa muganga nawo wariyongereye bifasha kugabanya impfu z'abagore bapfa babyara n'izabana. Ikigaragara kandi ni uko gahunda y'ubwisungane mu kwivuza yatumye ikiguzi cy'ubuvuzi kigabanuka ku muturage ku buryo bivuriza igihe, bakarushaho kugira ubuzima bwiza n'imbaraga zo gukora ibibateza imbere. Ikindi kandi 97,2% by'ababajijwe muri ubu bushakashatsi bagaragaza ko gahunda y'ubwisungane mu kwivuza ituma bagira icyizere cyo kugira ubuzima bwiza.

Ishusho ya 5: Ijanisha ry'abanyamuryango ba mituweli kuva muri 2016




Aho byavuye: CBHI Impact Evaluation, 2020

Kuva gahunda y'ubwisungane mu kwivuza yashyirwaho yagiye ivugururwa hagamijwe kunoza serivisi zayo. Ababajijwe bashima ku kigero cya 98% kuba ubu bashobora kwivuriza ku mavuriro abegereye naho gushyirirwaho uburyo butandukanye bubafasha gutanga umusanzu babishima ku kigero cya 93%.

Nubwo hari ibimaze kunozwa muri serivisi z'ubwisungane mu kwivuza, abanyamuryango bagaragaza imbogamizi zirimo kuba batazi uburyo bwo kwishyura umusanzu binyuze ku rubuga rw'Irembo, ubushobozi buke, imyumvire ya bamwe ikiri hasi, ibyiciro by'ubudehe bitaranozwa n'imitangire ya serivisi itanoze mu bwisungane mu kwivuza.

### 1..1.4. Ubushakashatsi ku ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF)

RGB yakoze ubushakashatsi kuri gahunda y'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) hagamijwe kureba niba yashyirwa muri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo.

JADF ni ihuriro rigamije guhuriza hamwe imbaraga mu iterambere. Iryo huriro rihuza Inzego za Leta, abikorera, Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere. JADF ifite Intego yo kugeza ku baturage iterambere rirambye n'imitangire ya serivisi inoze binyujijwe mu kujya inama ku mikorere n'imikoranire no guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa mu nzego z'ibanze.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko JADF ari gahunda y'umwimwerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- **Kuba ikomoka ku murage, umuco n'indangagaciro by'u Rwanda:** JADF yisanisha n'indangagaciro yo kunga ubumwe, n'ubufatanye biranga abanyarwanda mu muco wabo kuko ihuriza hamwe abafatanyabikorwa batandukanye bari mu Karere, bagahuza igenamigambi ryabo ndetse bagafatanya mu kurishyira mu bikorwa no gukurikirana no gusuzuma ibirikubiyemo.

- **Kuba yubakiye ku miyoborere n'umurongo wa politiki u Rwanda rwahisemo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994:** nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Leta y' u Rwanda yahisemo imiyoborere yimakaza ubumwe n'ubufatanye bw'abanyarwanda n'iterambere ryubakiye ku muturage. JADF yafashije mu guhuriza hamwe imbaraga za Leta n'abafatanyabikorwa hagamijwe iterambere rirambye. Ibi bikaba binafasha mu guteza imbere amahame y'imiyoborere arimo gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano.

- **Gusubiza ikibazo mu buryo budasanzwe, bworoshye kandi bunoze:** JADF igira uruhare mu kunoza imikoranire y'inzego (Leta n'Abafatanyabikorwa) no guhuza igenamigambi. JADF ni urubuga inzego za Leta n'abafatanyabikorwa bahuriramo bakareba ibibazo bikeneye kwitabwaho, bakaganira ku ruhare rwa buri wese mu kubikemura, bakanagena umurongo nyawo buri mufatanyabikorwa azakoreramo.

### 1.1.5. Ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda

RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo mpuzamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga.

Ibyegeranyo byakorewe isesengura bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Imbonerahamwe ya 4: Uko bimwe mu byegeranyo mpuzamahanga bigaragaza u Rwanda

| No | ICYEGERANYO | URWEGO RUGIKORA | UMWANYA U RWANDA RURIHO KU ISI | UMWANYA U RWANDA RURIHO MURI AFURIKA | AMANOTA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Global Competitiveness Index 4.0 2019 | World Economic Forum | 100 mu Bihugu 141 bwakorewemo | N/A | 52,8% |
| 2 | Africa SDGs Index 2019 | SDGC/A | N/A | 12 mu Bihugu 52 bwakorewemo | 57,9% |
| 3 | World Bank Doing business report 2020 | World Bank | 38 mu Bihugu 190 bwakoremo | 2 muri Afurika yo munsi y'ubutayu bwa Sahara | 76,5% |
| 4 | Global Gender Gap report 2020 | World Economic Forum | 9 mu Bihugu 153 Bwakorewemo | 1 muri Afurika yo munsi y'ubutayu bwa Sahara | 0,791/1 |
| 5 | Corruption perception index 2019 | Transparency International | 51 mu Bihugu 180 bwakorewemo | 3 muri Afurika yo munsi y'ubutayu bwa Sahara | 53% |
| 6 | World Happiness Report 2020 | United Nations Sustainable Development Solutions Network | 150 mu Bihugu 153 bwakorewemo | - | 3,312/10 |
| 7 | World Press Freedom index 2020 | Reporters without borders (RSF) | 155 mu Bihugu 180 bwakorewemo | - | 50,34/100 |
| 8 | Africa visa openness report 2019 | African development bank (AfDb) | N/A | 4 mu Bihugu 54 by'Afurika | 0,864/1 |
| 9 | Global peace index 2019 | Institute for Economics & Peace (IEP) | 79 mu bihugu 163 bwakorewemo | - | 2,014/1 |
| 10 | wGlobal innovation index 2019 | WIPO | 94 mu Bihugu 129 bwakorewemo | - | 27,38/100 |

Aho byavuye: Isesengura rya RGB

Bimwe mu byagaragajwe n'isesengura RGB yakoze ku byegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda ni ibi bikurikira:

- **Global competitiveness index:** Mu mwaka wa 2017 iki cyegeranyo cyashyize u Rwanda ku mwanya wa 58 mu bihugu 137 naho muri 2018 kirushyira ku mwanya wa 106. Isesengura ryagaragaje ko uku gusubira inyuma kwatewe n'uko mu mwaka wa 2018 hakozwe amavugurura mu buryo iki cyegeranyo gikorwa no mu buryo ibipimo byafatwaga, bituma habaho impinduka mu myanya ibihugu byari bisanganywe. Ibi binatuma bidashoboka kugereranya ibyegeranyo byasohotse mbere y'amavugurura muri 2018 n'ibyasohotse nyuma.

- **World press freedom index 2020:** Iki cyegeranyo gihora gishyira u Rwanda mu myanya y'inyuma. Isesengura RGB yakoze ryagaragaje ko umuryango Reporters without borders ukora iki cyegeranyo ukoresha amakuru atajyanye n'igihe kandi adafitiwe gihamya. Urugero ni aho bavuga ko mu Rwanda nta bwisanzure bw'itangazamakuru ndetse n'ubw'abanyamakuru bihari bashingiye ku makuru yo mu mwaka wa 1996, mu gihe ku bindi bihugu bagiye bashingira ku byagiye biba muri uwo mwaka icyegeranyo cyasohokeyemo. Ikindi ni uko impinduka zagiye zikorwa mu rwego rw'itangazamakuru mu Rwanda zititaweho mu gutunganya iki cyegeranyo.

- **World Bank Doing Business Report:** iki cyegeranyo ngarukamwaka gikorwa na Banki y'Isi cyashyize u Rwanda ku mwanya wa 38 muri raporo y'umwaka wa 2020 ruvuye ku mwanya wa 29 muri raporo y'umwaka wa 2019. Uku gusubira inyuma kwatewe n'amavugurura yakozwe mu buryo ibipimo bifatwa aho hiyongereyemo igipimo gishya gipima ibijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane bituma amanota y'u Rwanda agabanuka kuko iri soko rimaze igihe gito ritangiye rikaba rikiyubaka.

- **World Happiness Report 2020:** Iki cyegeranyo ngarukamwaka cyashyize u Rwanda ku mwanya wa 150 mu bihugu 153 ku gipimo cya 3,312/10. Iki gipimo kirajya gusa cyane n'ibyagaragajwe na CRC ya 2019 aho abanyarwanda berekanaga ko bishimiye imibereho yabo ku gipimo cya 3,6/10 muri CRC2019 na 3,7/10 muri CRC 2020. Nyamara kandi abaturage babona imibereho yabo mu myaka itanu iri imbere izaba iri ku gipimo cya 5,6/10 muri CRC 2019 na 5,7/10 muri CRC 2020. Ibi bikerekana ko abanyarwanda bifuza ko imibereho yabo yarushaho gutera imbere byihuse.

Ibyavuye mu isesengura RGB yakoze kuri ibi byegeranyo byashyikirijwe inzego bireba hanakorwa ibiganiro mu rwego rwo kugira ngo zirusheho kumenya uburyo ibi byegeranyo bikorwa, ibikubiyemo, no gufata ingamba ku makuru y'ukuri agaragazwa n'ibyo byegeranyo ndetse no kungurana ibitekerezo ku makuru bitanga atari ukuri cyane cyane atajyanye n'igihe.

### 1.1.6. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda

RGB yateguye ibigenderwaho mu gutanga uburenganzira bw'ibanze ku bifuza gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda. Yanakiriye ubusabe 10 bw'abifuzaga gukora ubushakashatsi ku bijyanye n'imiyoborere n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. Nyuma yo gusuzuma ubwo busabe, icyenda (9) bwaremewe buhabwa impushya kuko bwari bwujuje ibisabwa naho ubusabe bumwe (1) ntibwemewe kuko butari bwujuje ibisabwa. RGB yanakurikiranye ko ubwo bushakashatsi bwakozwe hagendewe ku mbanzirizamushinga zabwo.

Mu rwego kandi rwo gutanga serivisi inoze, RGB yashyizeho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gusaba no gutanga uburenganzira bw'ibanze ku bifuza gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda no ku buryo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.

## 1. 2.UBURYO BW'UMWIMERERE NYARWANDA BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO

RGB yakoze ibikorwa bitandukanye bigamije gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.

### 1.2.1. Kumenyekanisha gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo.

RGB yamenyekanishije gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo binyuze mu imurikagurisha rya Made in Rwanda rya 2019. Abasuye aho RGB yamurikiraga ibikorwa byayo, bahawe amakuru ajyanye n'izi gahunda binyuze mu kubasobanurira hifashishijwe raporo z'ubushakashatsi na filimi mbarankuru zakozwe kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo; hanatanzwe ibitabo 543 bijyanye n'ubushakashatsi bwakozwe kuri izo gahunda.

Mu rwego kandi rwo kumenyekanisha ubushakashatsi bwakozwe kuri izi gahunda, ibitabo 2,096 byahawe abafatanyabikorwa batandukanye harimo abitabiriye inama zateguwe na RGB n'abashyitsi basura u Rwanda. Ibindi bitabo byashyikirijwe uturere, intara n'Umujyi wa Kigali kugira ngo babone amakuru nabo basangiza abaturage ndetse n'abashyitsi bakira.

### 1.2.2. Kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo

RGB yakomeje gahunda yo kwandikisha uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo mu rwego rubishinzwe imbere mu gihugu (Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere-RDB). Handikishijwe gahunda ya Ndi Umunyarwanda yiyongera ku zindi gahunda eshanu zanditswe mbere arizo: Gacaca, Abunzi, Imihigo, Umushyikirano na Girinka.

Ku rwego mpuzamahanga, RGB yasabye kwandikisha gahunda eshatu z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo arizo: Abunzi, Imihigo n'Umushyikirano. Nyuma yo kuzuza ibisabwa, Umuryango mpuzamahanga ushinzwe kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge (WIPO) wamenyesheje RGB ko wakiriye ubusabe bwayo. Intambwe imaze guterwa ku birebana no gusubizwa kuri ubwo busabe igaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe ya 5: Ibimaze gukorwa mu kwandikisha ku rwego mpuzamahanga gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisibuzo

| HGS ZASABIWE KWANDIKWA | IKIRANGO | IZINA NA NOMERO BYATANZWE NA WIPO | UBUTUMWA BWATANZWE NA WIPO N'AMATARIKI BWATANGIWEHO |
|---|---|---|---|
| **ABUNZI** | | Abunzi Community Dispute Resolution<br>No: 149295 | **UMURYANGO W'UBUMWE BW'IBIHUGU BY'I BURAYI**<br>24/03/2020: RGB yamenyeshejwe ko ubusabe bwayo bwemewe muri uyu muryango kandi ko icyemezo cyashyizwe ahagaragara.<br>**UMURYANGO NYAFURIKA USHINZWE UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE (AIPO)**<br>24/04/2020: RGB yamenyeshejwe ko amezi 18 yari yarahawe abanyamuryango bashobora gutambamira ubusabe bwayo yarangiye bityo AIPO ikaba yaramenyesheje WIPO ko abanyamuryango bayo bashobora gutambamira ubwo busabe bashobora kubikora mu gihe kitarenze amezi atandatu kugeza ku wa 14 Kanama, 2020.<br>**SAO TOME NA PRINCIPE**<br>21/05/2020: RGB yamenyeshejwe ko iki gihugu cyemeye iyandikisha ku rwego mpuzamahanga.<br>**SINGAPORE**<br>20/03/2020: RGB yamenyeshejwe ko ubusabe bwayo bwemewe muri iki gihugu kandi ko icyemezo cyashyizwe ahagaragara. |

| HGS ZASABIWE KWANDIKWA | IKIRANGO | IZINA NA NOMERO BYATANZWE NA WIPO | UBUTUMWA BWATANZWE NA WIPO N'AMATARIKI BWATANGIWEHO |
|---|---|---|---|
| **IMIHIGO** | | Imihigo-Commit Deliver-Impact<br>NO: 1487545 | **UMURYANGO W'UBUMWE BW'IBIHUGU BY'UBURAYI**<br>02/10/2019: RGB yamenyeshejwe ko isuzuma ry'ubusabe bwayo ryarangiye, ariko ko bigishoboka ko iyandikisha mpuzamahanga ryatambamirwa n'abandi banyamuryango.<br>**AIPO**<br>05/06/2020: RGB yamenyeshejwe ko isuzuma ry'ubusabe bwayo ryarangiye, ariko ko bigishoboka ko iyandikisha mpuzamahanga ryatambamirwa n'abandi banyamuryango.<br>**SINGAPORE**<br>31/01/2020: RGB yamenyeshejwe ko ubusabe bwayo bwemewe muri iki gihugu kandi ko icyemezo cyashyizwe ahagaragara.<br>**SAO TOME NA PRINCIPE**<br>22/06/2020: RGB yamenyeshejwe ko iki igihugu cyemeye iyandikisha ku rwego mpuzamahanga. |

| HGS ZASABIWE KWANDIKWA | IKIRANGO | IZINA NA NOMERO BYATANZWE NA WIPO | UBUTUMWA BWATANZWE NA WIPO N'AMATARIKI BWATANGIWEHO |
|---|---|---|---|
| **INAMA Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO** | | Inama y'Igihugu y'Umushyikirano<br>NO: 1489832 | **UMURYANGO W'UBUMWE BW'IBIHUGU BY'UBURAYI**<br>-12/03/2020: RGB yamenyeshejwe ko isuzuma ry'ubusabe bwayo ryarangiye, ariko ko bigishoboka ko iyandikisha mpuzamahanga ryatambamirwa n'abandi banyamuryango.<br>**AIPO**<br>23/04/2020: RGB yamenyeshejwe ko amezi 18 yari yarahawe abanyamuryango bashobora gutambamira ubusabe bwayo yarangiye bityo AIPO ikaba yaramenyesheje WIPO ko abanyamuryango bayo bashobora gutambamira ubwo busabe bashobora kubikora mu gihe kitarenze amezi atandatu kugeza ku wa 14 Kanama, 2020.<br>**SAO TOME NA PRINCIPE**<br>- 18/06/2020: RGB yamenyeshejwe ko iki igihugu cyemeye iyandikisha ku rwego mpuzamahanga<br>**SINGAPORE**<br>-26/03/2020: RGB yamenyeshejwe ko ubusabe bwayo bwemewe muri iki gihugu kandi ko icyemezo cyashyizwe ahagaragara. |

# 1.3.IMITANGIRE YA SERIVISI

Mu mwaka wa 2019-2020, RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta 20, iz'abikorera 10 n'imiryango itari iya Leta 20. Hakozwe kandi ubukangurambaga bugamije kunoza imitangire ya serivisi "Nk'uwikorera"; guhugura abakozi ba RGB ku mitangire ya serivisi; isesengura ku mitangire ya serivisi mu bigo bitwara abagenzi mu Mujyi wa Kigali na serivisi zihabwa abafite ubumuga mu burezi, ubuvuzi n'inzego z'ibanze ndetse no kubaka ubufatanye n'inzego zishinzwe kugenzura serivisi mu byiciro byihariye.

## 1.3.1. Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta

RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta 20. Mu rwego rw'abikorera, hagenzuwe ibigo 10 birimo bine (4) by'imari na bitandatu (6) by'ubwishingizi. Hagenzuwe kandi imitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta 20.

Imbonerahamwe ya 6: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu bigo bya Leta

| No | INKINGI | AMANOTA Y'UDUPIMO/10 | AMANOTA Y'INKINGI |
|---|---|---|---|
| **1** | **KWIHUTISHA SERIVISI /25%** | | **18,04** |
| 1.1 | Ubushake bwo kwakira neza abakugana | 7,52 | |
| 1.2 | Gutanga serivisi yihuse | 7,20 | |
| 1.3 | Gusubiza mu buryo bwihuse | 6,93 | |
| **2** | **UBUSHOBOZI NO KWIZERWA BY'UTANGA SERIVISI /20%** | | **15,11** |
| 2.1 | Kwakirana urugwiro abakugana | 7,74 | |
| 2.2 | Ubunyamwuga | 7,49 | |
| 2.3 | Kubaka icyizere mu bakugana | 7,44 | |
| **3** | **IBIKORESHO N'IBIKORWAREMEZO /15%** | | **9,27** |
| 3.1 | Ibimenyetso biyobora | 6,07 | |
| 3.2 | Ibikorwaremezo byorohereza bose kugera kuri serivisi | 4,05 | |
| 3.3 | Kugira umukozi wakira abasaba serivisi | 7,37 | |
| 3.4 | Kuba abakozi bafite ibibaranga | 3,42 | |
| 3.5 | Aho gukorera n'ibikoresho by'ikoranabuhanga | 10.00 | |
| **4** | **KWITA KU BAKUGANA /15%** | | **9,64** |
| 4.1 | Kwita ku bakugana by'umwihariko | 7,66 | |
| 4.2 | Guha umwihariko abafite ibibazo byihariye (special needs) | 5,19 | |
| **5** | **KUBAHIRIZA AMABWIRIZA Y'IMITANGIRE YA SERIVISI /25%** | | **17,36** |
| 5.1 | Gushyira ahagaragara inyandiko ikubiyemo ibigenderwaho mu gutanga serivisi (service charter) | 6,32 | |
| 5.2 | Uko abakiliya babona iyubahirizwa ry'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 6,54 | |
| 5.3 | Kubahiriza ibigenderwaho mu gutanga serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru | 7,00 | |
| 5 | Kwishyurira ku gihe ba rwiyemezamirimo | 7,92 | |
| **IGITERANYO /100** | | | **69,43** |

Aho byavuye: Service delivery assessment 2019

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, imitangire ya serivisi mu nzego za Leta iri ku kigero cya 69,43%. Bimwe mu bibazo byagaragaye harimo kutagira ibirango biyobora abantu ahatangirwa serivisi, kutagira ibikorwaremezo byorohereza abafite ubumuga, kutagira uburyo bwihariye bwo kwita ku bafite ubumuga n'abafite intege nke, kutagira inyandiko ikubiyemo ibigenderwaho mu mitangire ya serivisi (Service Charter) no kutubahiriza igihe cyagenwe mu gutanga serivisi.

Imbonerahamwe ya 7: Uko inzego za Leta zagenzuwe zihagaze mu mitangire ya serivisi

| No | INKINGI / IKIGO | KWIHUTISHA SERIVISI /25% | UBUSHOBOZI NO KWIZERWA BY'UTANGA SERIVISI /20% | IBIKORESHO N'IBI-KORWAREMEZO /15% | KWITA KU BAKUGANA /15% | KUBAHIRIZA AMABWIRIZA Y'IMITANGIRE YA SERIVISI /25% | IGITERANYO /100 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | RLMUA CoK | 20.00 | 16.00 | 9.71 | 10.00 | 23.33 | 79,05 |
| 2 | INMR | 19.17 | 15.56 | 11.38 | 8.75 | 22.29 | 77,14 |
| 3 | NURC | 20.00 | 16.00 | 8.70 | 10.88 | 20.00 | 75,58 |
| 4 | NEC | 20.00 | 16.00 | 11.00 | 11.25 | 17.23 | 75,48 |
| 5 | RPPA | 19.29 | 14.57 | 6.57 | 12.00 | 21.88 | 74,30 |
| 6 | CNLG | 19.23 | 15.43 | 10.50 | 12.00 | 16.88 | 74,03 |
| 7 | RLMUA South | 20.00 | 16.00 | 7.00 | 12.00 | 17.50 | 72,50 |
| 8 | RLMUA West | 18.33 | 14.89 | 11.50 | 7.25 | 20.00 | 71,97 |
| 9 | SGF | 17.86 | 15.71 | 13.00 | 12.00 | 12.32 | 70,89 |
| 10 | BDF | 16.81 | 14.35 | 8.79 | 11.16 | 19.73 | 70,82 |
| 11 | RDRC | 13.79 | 11.50 | 14.00 | 9.03 | 21.72 | 70,04 |
| 12 | RLMUA East | 19.02 | 16.00 | 5.14 | 8.68 | 19.58 | 68,42 |
| 13 | NIRDA | 20.25 | 15.07 | 9.29 | 9.75 | 13.52 | 67,87 |
| 14 | RISA | 20.00 | 16.00 | 9.57 | 6.00 | 13.44 | 65,01 |
| 15 | RMI | 13.93 | 15.71 | 9.00 | 10.18 | 15.89 | 64,71 |
| 16 | RALSA | 18.50 | 14.13 | 7.00 | 12.00 | 12.83 | 64,47 |
| 17 | MINEDUC | 17.62 | 16.00 | 6.64 | 10.88 | 13.30 | 64,44 |
| 18 | RLMUA North | 14.06 | 14.50 | 6.60 | 8.59 | 19.38 | 63,13 |
| 19 | RTDA | 15.00 | 13.71 | 10.80 | 10.50 | 7.50 | 57,51 |
| **IMPUZANDENGO Y'INKINGI** | | **18.04** | **15.11** | **9.27** | **9.64** | **17.36** | **69,43** |

Aho byavuye: Service delivery assessment 2019

| IBISOBANURO BY'AMABARA | |
|---|---|
| Igisobanuro | Ibara |
| **Hagati ya 80% na 100%** | Icyatsi kibisi |
| **Hagati ya 60% na 79.99%** | Umuhondo |
| **Hagati ya 40% na 59.99%** | Ikijuju |
| **Hagati ya 0-39.99%** | Umutuku |

Imbonerahamwe ya 8: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu nzego z'abikorera

| No | INKINGI | AMANOTA Y'UDUPIMO/10 | AMANOTA Y'INKINGI |
|---|---|---|---|
| **1** | **KWIHUTISHA SERIVISI /25%** | | **18,84** |
| 1.1 | Ubushake bwo kwakira neza abakugana | 7,44 | |
| 1.2 | Gutanga serivisi yihuse | 7,90 | |
| 1.3 | Gusubiza mu buryo bwihuse | 7,26 | |
| **2** | **UBUSHOBOZI NO KWIZERWA BY'UTANGA SERIVISI /20%** | | **14,99** |
| 2.1 | Kwakirana urugwiro abakugana | 7,49 | |
| 2.2 | Ubunyamwuga | 7,62 | |
| 2.3 | Kubaka icyizere mu bakugana | 7,37 | |
| **3** | **IBIKORESHO N'IBIKORWAREMEZO /15%** | | **10,83** |
| 3.1 | Ibimenyetso biyobora | 6,05 | |
| 3.2 | Ibikorwaremezo byorohereza bose kugera kuri serivisi | 4,05 | |
| 3.3 | Kugira umukozi wakira abasaba serivisi | 10,00 | |
| 3.4 | Kuba abakozi bafite ibibaranga | 6,00 | |
| 3.5 | Aho gukorera n'ibikoresho by'ikoranabuhanga | 10,00 | |
| **4** | **KWITA KU BAKUGANA /15%** | | **8,06** |
| 4.1 | Kwita ku bakugana by'umwihariko | 7,53 | |
| 4.2 | Guha umwihariko abafite ibibazo byihariye (special needs) | 3,22 | |
| **5** | **KUBAHIRIZA AMABWIRIZA Y'IMITANGIRE YA SERIVISI /25%** | | **16,45** |
| 5.1 | Gushyira ahagaragara inyandiko ikubiyemo ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 5,00 | |
| 5.2 | Uko abakiliya babona iyubahirizwa ry'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 6,44 | |
| 5.3 | Kubahiriza ibigenderwaho mu gutanga serivisi zijyanye n'inshingano nyamukuru | 8,30 | |
| | **IGITERANYO /100** | | **69,16** |

Aho byavuye: Service delivery assessment 2019

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, imitangire ya serivisi mu nzego z'abikorera iri ku kigero cya 69,16%. Bimwe mu bibazo byagaragaye mu rwego rw'abikorera harimo kuba bimwe mu bigo by'imari bidafite uburyo buhamye bwo korohereza abafite ubumuga n'abafite intege nke kubona serivisi, kutagira no kudashyira ahagaragara inyandiko ikubiyemo ibigenderwaho mu mitangire ya serivisi (Service Charter) no kutubahiriza igihe cyagenwe cyane cyane mu gutanga inguzanyo.

### Imbonerahamwe ya 9: Uko inzego z'abikorera zagenzuwe zihagaze mu mitangire ya serivisi

| No | INKINGI<br>IKIGO | KWIHUTISHA SERIVISI /25% | UBUSHOBOZI NO KWIZERWA BY'UTANGA SERIVISI /20% | IBIKORESHO N'IBI-KORWAREMEZO /15% | KWITA KU BAKUGANA /15% | KUBAHIRIZA AMABWIRIZA Y'IMITANGIRE YA SERIVISI /25% | IGITERANYO /100 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | ECOBANK | 18.18 | 15.45 | 12.43 | 12.00 | 21.67 | 79.73 |
| 2 | SANLAM | 20.56 | 16.00 | 13.80 | 12.00 | 16.67 | 79.02 |
| 3 | AB Bank | 20.83 | 16.00 | 10.50 | 12.00 | 12.50 | 71.83 |
| 4 | BK Insurance | 20.75 | 16.00 | 7.71 | 12.00 | 15.00 | 71.46 |
| 5 | UNGUKA Bank | 19.59 | 16.00 | 10.71 | 10.55 | 13.93 | 70.79 |
| 6 | UAP Insurance | 16.98 | 14.92 | 8.79 | 11.44 | 18.19 | 70.31 |
| 7 | BRITAM | 17.92 | 12.80 | 11.36 | 5.10 | 22.08 | 69.26 |
| 8 | MUA ASSURANCE | 19.54 | 14.57 | 9.14 | 5.55 | 17.92 | 66.72 |
| 9 | MAYFAIR | 18.33 | 14.70 | 10.14 | 5.55 | 15.00 | 63.73 |
| 10 | ACCESS Bank | 15.68 | 13.42 | 13.71 | 8.48 | 11.53 | 62.81 |
| **IMPUZANDENGO Y'INKINGI** | | **18.84** | **14.99** | **10.83** | **8.06** | **16.45** | **69.16** |

Aho byavuye: Service delivery assessment 2019

### Imbonerahamwe ya 10: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ku mitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta

| No | INKINGI | AMANOTA Y'UDUPIMO/10 | AMANOTA Y'INKINGI |
|---|---|---|---|
| **1** | **KWIHUTISHA SERIVISI /25%** | | **18,04** |
| 1.1 | Ubushake bwo kwakira neza abakugana | 7,50 | |
| 1.2 | Gutanga serivisi yihuse | 7,21 | |
| 1.3 | Gusubiza mu buryo bwihuse | 6,94 | |
| **2** | **UBUSHOBOZI NO KWIZERWA BY'UTANGA SERIVISI /20%** | | **14,65** |
| 2.1 | Kwakirana urugwiro abakugana | 7,44 | |
| 2.2 | Ubunyamwuga | 7,48 | |
| 2.3 | Kubaka icyizere mu bakugana | 7,06 | |
| **3** | **IBIKORESHO N'IBIKORWAREMEZO /15%** | | **6,49** |
| 3.1 | Ibimenyetso biyobora | 4,03 | |
| 3.2 | Ibikorwaremezo byorohereza bose kugera kuri serivisi | 3,40 | |
| 3.3 | Kugira umukozi wakira abasaba serivisi | 4,74 | |
| 3.4 | Kuba abakozi bafite ibibaranga | 1,05 | |
| 3.5 | Aho gukorera n'ibikoresho by'ikoranabuhanga | 8,42 | |
| **4** | **KWITA KU BAKUGANA /15%** | | **9,35** |
| 4.1 | Kwita ku bakugana by'umwihariko | 7,79 | |
| 4.2 | Guha umwihariko abafite ibibazo byihariye (special needs) | 4,68 | |
| **5** | **KUBAHIRIZA AMABWIRIZA Y'IMITANGIRE YA SERIVISI /25%** | | **17,11** |
| 5.1 | Kugira ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 7,72 | |
| 5.2 | Kubahiriza ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 6,16 | |
| 5.3 | Kwishyurira ku gihe ba rwiyemezamirimo | 6,74 | |
| 5.4 | Uko abagenerwabikorwa babona iyubahirizwa ry'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 6,77 | |
| 5.5 | Kugira uruhare mu bikorwa bya JADF | 6,84 | |
| **IGITERANYO /100** | | | **65,65** |

Aho byavuye: Service Delivery Assessment, 2019

Muri rusange, igipimo cy'imitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta kiri ku kigero cya 65,65% nk'uko bigarazwa n'imbonerahamwe iri hejuru. Bimwe mu bibazo byagaragaye mu mitangire ya serivisi mu miryango itari iya Leta birimo kutagira ibiranga aho bakorera, gukorera ahantu hataboneye no kutagira uburyo buhamye bwo korohereza abafite ubumuga n'abafite intege nke kubona serivisi.

Imbonerahamwe ya 11: Uko imitangire ya serivisi ihagaze mu miryango itari iya Leta yagenzuwe

| No | INKINGI / UMURYANGO | KWIHUTISHA SERIVISI /25% | UBUSHOBOZI NO KWIZERWA BY'UTANGA SERIVISI /20% | IBIKORESHO N'IBI-KORWAREMEZO /15% | KWITA KU BAKUGANA /15% | KUBAHIRIZA AMABWIRIZA Y'IMITANGIRE YA SERIVISI /25% | IGITERANYO /100 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | AKWOS | 15.42 | 13.67 | 10.50 | 8.25 | 20.50 | 68,33 |
| 2 | EPRN | 17.86 | 14.29 | 8.00 | 10.50 | 21.79 | 72,43 |
| 3 | HAGURUKA | 20.00 | 16.00 | 8.85 | 9.75 | 22.00 | 76,60 |
| 4 | IMRO | 18.21 | 14.86 | 7.70 | 9.75 | 20.80 | 71,32 |
| 5 | KANYARWANDA | 14.50 | 14.20 | 3.50 | 10.05 | 6.75 | 49,00 |
| 6 | PICO | 20.00 | 15.33 | 1.50 | 9.75 | 3.60 | 50,18 |
| 7 | RALGA | 19.86 | 15.33 | 10.75 | 11.63 | 16.63 | 74,19 |
| 8 | RD RWANDA | 17.08 | 14.00 | 10.79 | 6.00 | 7.88 | 55,74 |
| 9 | REFAC | 22.19 | 17.25 | 4.50 | 12.25 | 22.44 | 78,63 |
| 10 | RESEAU DES FEMMES | 17.86 | 15.43 | 4.50 | 7.50 | 21.25 | 66,54 |
| 11 | RISE TO SHINE | 16.79 | 14.86 | 6.50 | 9.75 | 19.36 | 67,25 |
| 12 | RNOSC | 10.00 | 9.00 | 11.25 | 7.50 | 15.08 | 52,83 |
| 13 | RPA | 18.58 | 14.67 | 3.50 | 11.25 | 15.83 | 63,83 |
| 14 | RSA | 19.58 | 16.00 | 4.50 | 12.00 | 23.79 | 75,87 |
| 15 | RWAMREC | 19.00 | 14.40 | 7.05 | 11.10 | 22.00 | 73,55 |
| 16 | RWARRI | 21.19 | 15.52 | 3.50 | 8.64 | 20.43 | 69,29 |
| 17 | SIHCO | 16.67 | 14.67 | 2.00 | 9.75 | 7.50 | 50,58 |
| 18 | TUMURERE | 17.92 | 14.67 | 3.00 | 8.13 | 15.88 | 59,58 |
| 19 | UPHLS | 20.00 | 14.25 | 11.50 | 10.79 | 21.63 | 78,17 |
| **IMPUZANDENGO Y'INKINGI** | | **18,04** | **14,65** | **6,49** | **9,35** | **17,11** | **65,65** |

Aho byavuye: Service delivery assessment 2019

### 1.3.2. Igenzura ry'imitangire ya serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga

Muri Kanama 2019, RGB yakoze igenzura mu nzego za Leta 50 rigamije gusuzuma uko gutanga serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga bihagaze. Igenzura ryagaragaje ko serivisi zose zitangwa mu nzego zagenzuwe ari 704, muri zo harimo 34 bitewe n'imiterere yazo zidashobora gutangwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

Muri serivisi 409 zamaze kugezwa ku ikoranabuhanga, 302 nizo zitangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga kugeza ku ndunduro hashingiwe ku bikorwa bishobora gukorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga(fully digitized). Igenzura ryagaragaje kandi ko serivisi 107 zitangwa igice hifashishijwe ikoranabuhanga (partially digitized) kandi zishobora gutangwa zikarangira mu buryo bw'ikoranabuhanga, mu gihe 261 zitari zagezwa ku ikoranabuhanga.

Iri genzura ryagaragaje ko hakenewe kongera imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi kugira ngo Igihugu kizabashe kugera ku ntego cyihaye y'uko muri 2024 serivisi zose z'inzego za Leta zigomba kuba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

### 1.3.3. Igenzura ry'imitangire ya serivisi ku bantu bafite ubumuga

Igenzura kuri serivisi zihabwa abantu bafite ubumuga ryakozwe mu turere 11, mu mashuri 23 no mu mavuriro 22. Hanakozwe ibiganiro n'abafite ubumuga bagera ku 154 ndetse na bamwe mu bayobozi n'abakozi bo mu turere bafite mu nshingano guhuza ibikorwa byo kwita ku bafite ubumuga. Igenzura ryari rigamije kureba imitangire ya serivisi z'uburezi ku banyeshuri bafite ubumuga, imitangire ya serivisi z'ubuvuzi ku bafite ubumuga, uburyo ibibazo by'abafite ubumuga bisesengurwa kandi bikinjizwa mu igenamigambi ry'uturere, kurebera hamwe imbogamizi zirimo no gutanga inama z'icyakorwa kugira ngo serivisi zirusheho kunozwa.

**MU RWEGO RW'UBUREZI:**

- Igenzura ryagaragaje ko amashuri rusange adafite ibikoresho byabugenewe bifasha abanyeshuri bafite ubumuga kwiga neza kandi ariyo yakira umubare munini wabo ugereranyije n'amashuri yihariye;

- Amenshi mu mashuri yagenzuwe ntafite ibikorwaremezo byorohereza abafite ubumuga birimo inzira z'abafite ubumuga; ubwiherero bw'abafite ubumuga; intebe zabugenewe z'abafite ubumuga n' ibimenyetso ndangakerekezo byihariye ku bafite ubumuga. Mu mashuri 23 yagenzuwe, atatu yonyine niyo afite ibikorwaremezo byose byabugenewe (abiri muri atanu yihariye na rimwe muri 18 rusange)

- Umubare ukiri hasi w'abarimu bahuguriwe kwigisha abanyeshuri bafite ubumuga cyane cyane mu mashuri rusange (Abarimu 161 muri 627 bo mu mashuri yakoreweho igenzura nibo bonyine bahuguwe).

- Ibibazo bivuzwe haruguru biri mu bidindiza gahunda y'uburezi budaheza.

**MU RWEGO RW'UBUZIMA:**

- Igenzura ryagaragaje ko 98,2% by'abaganga n'abakozi b'ibitaro byakoreweho igenzura batahuguwe mu gukoresha ururimi rw'amarenga rubafasha guha serivisi inoze abantu bafite ubumuga bwo kutumva;
- Amavuriro rusange yagaragayemo ikibazo cyo kutagira ibikorwaremezo n'ibikoresho byihariye bifasha abafite ubumuga birimo ubwiherero, ibitanda n'ibiranga aho serivisi zitangirwa;
- Byagaragaye ko 72,08% by'abafite ubumuga babajijwe batishimiye serivisi za Gahunda y'ubwisungane mu kwivuza. Ibi biterwa n'uko ubwisungane mu kwivuza butabishyurira zimwe muri serivisi z'ubuvuzi zirimo insimburangingo n'inyunganirangingo. Ikindi abafite ubumuga bagaragaje ni uko bishyuzwa serivisi

z'ubuvuzi hagendewe ku byiciro by'ubudehe aho gukurikiza ibyiciro by'ubumuga bafite nk'uko biteganywa n'amategeko.

- Ikindi kibazo cyagaragaye ni uko abenshi mu bafite ubumuga batarashyirwa mu byiciro by'ubumuga (categorisation). Ibi bitumabadahabwa serivisi z'ubuvuzi mu buryo bunoze.

**MU NZEGO Z'IBANZE:**

- Mu turere 11 twakorewemo igenzura byagaragaye ko imibare y'abafite ubumuga itazwi bigatuma bakorerwa igenamigambi ritanoze;

- Igenzura ryagaragaje ko abafite ubumuga badahabwa urubuga ruhagije rwo gutanga ibitekerezo ku igenamigambi ry'uturere bigatuma ibibazo bafite bititabwaho uko bikwiye mu bikorwa by'uturere;

- Kuri bimwe mu biro by'uturere twagenzuwe hagaragaye ikibazo cyo kutagira ibikorwaremezo byorohereza abafite ubumuga kubona serivisi birimo inzira z'abafite ubumuga; ibirango byerekana aho serivisi zitangirwa n'ubwiherero bw'abafite ubumuga.

### 1.3.4. Igenzura ku mitangire ya serivisi zo gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange

Muri iri genzura ryakorewe mu Mujyi wa Kigali hasuzumwe ibi bikurikira: (1) kwihutisha serivisi, (2) ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi, (3) ibikoresho n'ibikorwaremezo, (4) kwita ku bakugana no (5) kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi

**KWIHUTISHA SERIVISI**


Amabwiriza ya RURA ateganya ko umugenzi atagomba kurenza iminota 15 ategereje imodoka muri gare.



Abagenzi bategereje imodoka muri gare ya Kimironko

Igenzura ryagaragaje ko abagenzi bamara igihe kirenze icyateganyijwe bategereje imodoka nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira.

### Ishusho ya 6 : Iminota abagenzi bamara muri gare bategereje imodoka




Aho byavuye: Assessment of Service Delivery in passenger road transport

Ikindi kibazo cyagaragaye ni uko mu byerekezo 30 byagenzuwe harimo birindwi (7) bitageramo imodoka zitwara abagenzi kandi Umujyi wa Kigali waragennye ko bigomba kugira izo modoka. Ibyo byerekezo bitageramo imodoka zitwara abagenzi ni ibi bikurikira:

1. Masaka-Ibitaro Bya Masaka-Kabuga
2. Masaka- Rusheshe
3. Remera -12 -Masoro
4. Mu mujyi-Kimihurura-RDB-Nyarutarama-Kinyinya
5. Kimironko-KIE-Bibare-Mushumba mwiza-Remera
6. Nyacyonga-Rutunga
7. Nyamirambo (ku ryanyuma)-40-Biryogo-CSK-Kanogo- Nyabugogo

Zimwe mu mpamvu zagaragajwe zituma biriya byerekezo bitagira imodoka zitwara abagenzi zirimo umubare muto w'abagenzi, kuba hari imihanda itarashyizweho aho imodoka zifata abagenzi no kuba kompanyi zitanga serivisi zidateganya bisi zijya muri ibyo bice bitewe n'imiterere mibi y'imihanda.

### Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi

Muri iki cyiciro igenzura ryibanze ku kureba uko abashoferi n'abamotari bakora kinyamwugamu kazi ko gutwara abagenzi n'icyizere abagenzi babagirira.

Igenzura ryagaragaje ko hari ikibazo cyo kutubahiriza amategeko y'umuhanda mu batwara abagenzi cyane cyane mu bamotari aho 16% by'abamotari na 4% by'abagenzi babajijwe aribo bonyine bavuze ko abamotari bubahiriza amategeko y'umuhanda buri gihe.

Ku bijyanye no gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange 44% by'abashoferi na 40% by'abagenzi babajijwe nibo bavuze ko abashoferi bubahiriza amategeko y'umuhanda buri gihe.

### Ibikoresho n'ibikorwaremezo

Imodoka zitwara abagenzi nyinshi mu zagenzuwe (92%) ntizifite ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze naho 67,5% ntaho kubika imizigo zigira bituma abagenzi bagenda bakikiye imizigo yabo. Muri iri genzura kandi hasuwe ahantu 362 abagenzi bategerereza imodoka ku mihanda, muriho ahagera kuri 79% ntihafite ubwugamo.

### Uko abatanga serivisi bita ku babagana

Kuri iki gipimo, hibanzwe cyane ku buryo abashoferi n'abamotari bafasha abagenzi bafite intege nke. Igenzura ryagaragaje ko umuco wo kwita ku bafite intege nke ukiri hasi muri serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange, bikaba bituma abagenzi bo muri icyo cyiciro bahabwa serivisi zitabanogeye.

### kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi

Muri iki cyiciro harebwe ibijyanye n'ibiciro by'ingendo. Mu bagenzi babajijwe, 57% bagaragaje ko ibiciro by'ingendo biringaniye (fair), mu gihe abagenzi 25% bavuga ko ibiciro by'ingendo biri hejuru. Ku ngendo za moto niho abagenzi benshi (53%) bavuze ko ibiciro biri hejuru.

Muri rusange, serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange ziracyagaragaramo ibibazo bibangamira abagenzi. Ikindi ni uko umubare munini w'abatwara abagenzi bakora amasaha y'ikirenga aho 70% by'abashoferi babajijwe bagaragaje ko  bakora amasaha ari hagati ya 16 na 19 ku munsi naho 48% by'abamotari bakora amasaha ari hagati ya 12 na 18 ku munsi. Ibi bikaba byaba intandaro yo gutanga serivisi mbi ndetse bikaba byashyira ubuzima bw'abagenzi mu kaga.

## 1.3.5. Ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera"

Ku bufatanye n'izindi nzego, RGB yakomeje ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi no kumenyekanisha gahunda ya "Nk'uwikorera". Ubu bukangurambaga bwibanze ku kuzamura ubumenyi bw'abatanga serivisi n'abayihabwa basobanurirwa uruhare n'akamaro imitangire ya serivisi inoze ifite mu iterambere ry'igihugu.

Ubukangurambaga bwanyujijwe mu itangazamakuru ahatanzwe ibiganiro bitandukanye  byatambutse kuri Televiziyo Rwanda. Hanatanzwe ubutumwa bwanyujijwe mu bice 23 by'ikinamico y'uruhererekane "Urunana" isanzwe inyura kuri Radiyo Rwanda na Radiyo 10. Ubutumwa bwibanze cyane cyane ku mitangire ya serivisi mu rwego rw'ubuvuzi, isuku n'isukura na serivisi zo mu nzego z'ibanze.

Muri gahunda ya "Nk'Uwikorera" kandi hakozwe ibiganiro n'inzego zitandukanye byibanze kuri serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange, ubuzima, isuku n'isukura na serivisi zitangwa n'amahoteli. Abitabiriye ibyo biganiro bagaragarijwe uko ishusho y'imitangire ya serivisi ihagaze muri rusange no muri izo nzego by'umwihariko hanafatwa ingamba zo kurushaho kunoza imitangire ya serivisi.

## 1.4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA NO GUHUZA IBIKORWA BYA JADF


### 1.4.1. Isuzuma ry'imikorere y'inzego z'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga

Isuzuma ry'imikorere y'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga ryakorewe mu nzego zegerejwe abaturage, rikaba ryari rigamije kureba niba zikurikiza amategeko n'amabwiriza azigenga, imbogamizi zihura nazo ndetse n'uburyo zarushaho gukora neza.

Bimwe mu bibazo byagaragajwe n'iri suzuma ni ibi bikurikira:

- Imikoranire itanoze hagati y'inzego z'abantu bafite ubumuga n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze;
- Abagize inteko rusange ntibafite ubumenyi buhagije ku mategeko agenga imikorere y'Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga;
- Ingengo y'imari idahagije igenerwa inama z'inteko rusange na komite nyobozi y'inzego z'abantu bafite ubumuga;
- Imyanzuro y'Inteko rusange itinda kwemezwa cyangwa ntinemezwe bikabangamira ishyirwa mu bikorwa ryayo;
- Kudashingira ku bitekerezo n'ibyifuzo by'abafite ubumuga mu igenamigambi ry'akarere;
- Amakuru atajyanye n'igihe ku mibare y'abafite ubumuga;
- Kutageza ku bantu bafite ubumuga imyanzuro iba yafashwe n'inzego zibahagarariye;
- Kutagenzura uko bikwiye ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iba yafashwe n'inzego z'abantu bafite ubumuga kuko akenshi abagize Inteko rusange batigerera aho ibikorwa biri ahubwo bagashingira kuri raporo gusa.

Ishusho ya 7: Igipimo cy'uko inama z'inteko rusange n'iza komite nyobozi z'inzego z'abafite ubumuga ziterana




Aho byavuye: Governance assessment on NCPD Structures, 2019

Isuzuma ryagaragaje ko inama z'inteko rusange zikorwa ku kigero kiri hafi ya 50% ku rwego rw'akarere, mu gihe ku murenge no ku kagari ho kitarengeje 25%. Ku bijyanye n'inama za komite nyobozi, icyagaragaye ni uko ku kagari zidaterana mu gihe ku rwego rw'akarere n'umurenge ziterana ku gipimo kitarenze 27%.

### 1.4.2. Isuzuma ry'imiyoborere y'imiryango yita kuri siporo n'imikino (Sports Federations&Clubs)

RGB yakoze isuzuma mu mpuzamiryango 9 n'imiryango 18 byita kuri siporo n'imikino hagamijwe kureba uko imiyoborere ihagaze muri iyo miryango. Iryo suzuma ryibanze cyane cyane ku mikorere y'inzego, ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano nyamukuru n'imikoranire yabyo n'izindi nzego.

Incamake y'ibyavuye mu isuzuma iragaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

#### Imbonerahamwe ya 12: Incamake y'ibyagaragaye mu isuzuma ry'imiyoborere mu miryango yita kuri siporo n'imikino

| IBIPIMO | | IGITERANYO /100 |
|---|---|---|
| **IGIPIMO CYA MBERE: IMIYOBORERE** | | 58,7 |
| 1.1 | Imikorere y'inzego | 74,0 |
| 1.2 | Uruhare rw'abanyamuryango mu miyoborere | 54,9 |
| 1.3 | Gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano | 47,2 |
| **IGIPIMO CYA KABIRI: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INSHINGANO NYAMUKURU** | | 45,3 |
| 2.1 | Gahunda zo guteza imbere siporo | 69,4 |
| 2.2 | Kubaka ubushobozi bw'abanyamuryango | 47,2 |
| 2.3 | Ingamba zo kubungabunga ubuzima mu bikorwa bya siporo | 28,9 |
| 2.4 | Imicungire y'umutungo | 40,7 |
| 2.5 | Amahame ngengamyitwarire n'uburyo bwo gukemura amakimbirane | 33,3 |
| 2.6 | Imicungire y'abakozi | 66,7 |
| 2.7 | Aho gukorera haboneye | 31,1 |
| **IGIPIMO CYA GATATU: IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO** | | 61,1 |
| 3.1 | Imiryango yita kuri siporo n'imikino ifite abaterankunga | 77,8 |
| 3.2 | Imiryango yita kuri siporo n'imikino yubahiriza amabwiriza yo gutanga raporo ku nzego bireba | 44,4 |
| **IMPUZANDENGO** | | **55,03** |

Aho byavuye: Governance assessment on sports federations, 2019

| IBISOBANURO BY'AMABARA | |
|---|---|
| Igisobanuro | Ibara |
| **Hagati ya 80% na 100%** | Icyatsi kibisi |
| **Hagati ya 60% na 79.99%** | Umuhondo |
| **Hagati ya 40% na 59.99%** | Ikijuju |
| **Hagati ya 0-39.99%** | Umutuku |

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, mu miryango yita kuri siporo n'imikino haracyagaragaramo intege nke mu kubahiriza amahame y'imiyoborere muri rusange. Bimwe mu byagaragajwe n'isuzuma ni uko inteko rusange na komite nyobozi arizo nzego zigerageza gukora uko biteganywa n'amategeko shingiro y'iyo miryango, mu gihe izindi nzego zirimo komite ngenzuzi na nkemurampaka zidakora mu buryo bukwiye.

Ikindi cyagaragaye ni uko mu mpuzamiryango n'imiryango y'imikino myinshi harimo ikibazo cy'abayobozi bakomatanya inshingano zo kuyobora inzego zitandukanye. Isuzuma ryagaragaje ko muri 96% by'imiryango yagenzuwe, Komite Nyobozi ikomatanya inshingano zakabaye iz'ubuyobozi bw'umuryango n'urwego nshingwabikorwa. Ibi bikaba bihabanye n'ihame ry'imiyoborere ryo kugenzurana kw'inzego..

Hagaragaye kandi ko ubuyobozi bw'imwe mu miryango butagaragariza abanyamuryango n'abafatanyabikorwa ibyo bukora mu buryo buhoraho. Urugero, 53% by'imiryango yagenzuwe ntigaragariza abanyamuryango n'abafatanyabikorwa inyandiko z'ingenzi nka gahunda y'ibikorwa, raporo n'andi makuru ya ngombwa.

Ku bijyanye n'imikoreshereze y'umutungo, isuzuma ryagaragaje ko impuzamiryango n'imiryango byita kuri siporo n'imikino bidafite uburyo bunoze bw'imicungire y'umutungo, bikagira ingaruka ku mikorere n'iterambere by'iyo miryango ndetse n'ibya siporo n'imikino ishinzwe.

### 1.4.3. Gukurikirana amatora y'Abasenateri ya 2019

RGB yakurikiranye amatora y'abasenateri hagamijwe kureba niba akorwa mu buryo bwubahiriza amahame y'imiyoborere. Hakurikiranwe ibikorwa byo kwiyamamaza kw'abakandida n'ibikorwa by'amatora nyirizina mu turere 11 mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali.

Muri rusange amatora yakurikije amategeko n'amabwiriza biyagenga. Ibikorwa byo kwiyamamaza n'amatora nyirizina byabaye mu mucyo no mu mudendezo. Muri aya matora, uburenganzira bw'abagize inteko itora bwarubahirijwe nko kugaragaza ibitekerezo, guhabwa amakuru no gutora.

Abakandida bose kandi bahawe amahirwe n'uburenganzira bingana haba mu kwiyamamaza no mu matora nyirizina. Indorerezi zo mu gihugu n'iz'imiryango mvamahanga zahawe urubuga mu gukurikirana ayo matora.

Mu gukurikirana aya matora, byagaragaye ko kuri bimwe mu biro by'itora hatari uburyo bwo gufasha by'umwihariko abafite ubumuga n'abandi bafite intege nke.

### 1.4.4. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho mu nzego z'ibanze

Hashingiwe ku mabwiriza ya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu no 003/07.01/16 yo kuwa 6/09/2016 agenga gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho, RGB yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda. Iyi gahunda ikorerwa mu nzego za Leta zitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non-budget agencies), ikibanda ku nkingi 4 arizo:

- Imicungire ya gahunda za Leta zigamije guhindura imibereho y'abaturage;
- Imicungire y'imari n'imitungo bya Leta;
- Imitangire ya serivisi;
- Ahakorerwa haboneye.

Ubusanzwe kugenzurana no kwigiranaho bikorwa kabiri mu mwaka, ariko uyu mwaka byakozwe rimwe gusa kubera icyorezo cya COVID-19.

## Aho gukorera haboneye

Muri iyi nkingi hasuzumwa ibijyanye n'aho gukorera haboneye, birimo isuku, umutekano w'ahakorerwa, ibimenyetso ndangahantu, , inyubako bakoreramo amashanyarazi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga. Iyi nkingi yasuzumwe muntara eshatu ku buryo bukurikira:

### MU NTARA Y'AMAJYEPFO

Hasuwe ibigo (NBAs) 1.852 maze isuzuma rigaragaza ko hari ibigomba kwitabwaho kugira ngo ibyo bigo bigire aho gukorera haboneye.

Imbonerahamwe ya 13: Ibibazo byagaragajwe ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu ntara y'Amajyepfo

| IBIGO BIDAFITE UBUSITANI | BIGO BIDAFITE URUZITIRO | BIGO BITAGIRA INZIRA Z'ABAFITE UBUMUGA | BIGO BITAGIRA ISHYINGURANYANDIKO | IBIGO BIDAFITE AMAZI MEZA | IBIGO BIDAFITE INTERINETI |
|---|---|---|---|---|---|
| 19,5% | 44,4% | 52,7% | 39,5% | 37,9% | 33,4% |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2019-2020

Ikindi kibazo cyagaragaye mu Ntara y'Amajyepfo ni uko hari imirenge ndetse n'utugali bikorera mu nyubako zishaje.



Iyi foto yavuye muri raporo ya gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana mu Ntara y'Amajyepfo.

Ibiro by'umurenge wa Musha / Gisagara

## MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA

Hasuwe ibigo by'amashuri 218 mu Turere 3 hibandwa ku kureba, uruzitiro, imbago n'inzira z'abafite ubumuga.

Imbonerahamwe ya 14: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Iburasizuba

| IBIGO BY'AMASHURI BITAGIRA UBUSITANI | IBIGO BY'AMASHURI BITAGIRA URUZITIRO | IBIGO BY'AMASHURI BITAGIRA INZIRA Z'ABAFITE UBUMUGA |
|---|---|---|
| 7,3% | 47,2% | 58,7% |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2019-2020

Mu Ntara y'Iburasirazuba hagaragaye kandi ibigo bikorera mu nyubako zishaje kuko mu bigo 106 kuri 218 byagenzuwe (48.62%) bifite inyubako zishaje.

## MU NTARA Y'AMAJYARUGURU

Hagenzuwe ibigo by'amashuri 331 n'ibigo nderabuzima 55, hibandwa ku kureba, ibigega bifata amazi, ubwiherero n'icyumba cy'umukobwa.

Imbonerahamwe ya 15: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Amajyaruguru

| IBYAGARAGAYE | IGITERANYO |
|---|---|
| Amashuri afite ubusitani budatunganye | 20 |
| Amashuri adafite ibigega bifata amazi | 6 |
| Amashuri adafite ubwiherero buhagije | 28 |
| Amashuri adafite icyumba cy'umukobwa | 89 |
| **IGITERANYO** | **143** |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2019-2020

Muri iyi Ntara hanagenzuwe ibigo nderabuzima 55.

Imbonerahamwe ya 16: ibibazo byagaragaye ku bigo nderabuzima ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Amajyaruguru

| IBYAGENZUWE | IGITERANYO |
|---|---|
| Ibigo nderabuzima bitagira uruzitiro | 3 |
| Ibigo nderabuzima bifite ubusitani butameze neza | 9 |
| Ibigo nderabuzima bitagira aho abarwayi barira n'aho bogereza amasahani | 8 |
| Ibigo nderabuzima bidafite ubwiherero buhagije | 3 |
| Ibigo nderabuzima bidafite amazi ahagije | 1 |
| **IGITERANYO** | **24** |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2019-2020

## Imitangire ya serivisi

Muri iyi nkingi hasuzumwa uburyo abagana urwego bakirwa, amahame n'amabwiriza agenga itangwa rya serivisi, igihe bitwara ngo usaba serivisi ayibone n'uburyo bufasha abaturage kugaragaza uko babona imitangire ya serivsi. Iyi nkingi yakozweho n'Intara y'Iburasirazuba gusa hagenzurwa aho abashaka serivisi bakirirwa, inyandiko igaragaza serivisi zitangwa (service charter) n'udusanduku tw'ibitekerezo. Mu bigo 402 byagenzuwe mu Turere dutatu nta na kimwe cyari kibyujuje byose.

## Imicungire y'imari ya Leta

Umujyi wa Kigali niwo wonyine wakoze kuri iyi nkingi. Hagenzuwe imicungire y'umutungo mu bitaro bya Masaka, Kacyiru, Kibagabaga na Muhima. Bimwe mu bibazo byagaragaye harimo kutubahiriza amabwiriza y'imitangire y'amasoko ya Leta, ikinyuranyo kidafitiwe ibisobanuro hagati y'amafaranga yakiriwe n'ayakoreshejwe, Kudashyira mu bikorwa inama zinyuranye z'ubugenzuzi, Kutuzuza neza ibitabo by'icungamari.

## Imicungire ya gahunda zigamije kuzamura imibereho y'abaturage

Muri iyi nkingi hagenzurwa gahunda ya Girinka, Ubudehe, VUP n'Ubwisungane mu kwivuza. Iyi nkingi yakozweho n'Intara y'Iburasirazuba gusa hakorwa kuri VUP gusa nabyo bikorwa mu turere 3 kuri 7 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 17: Inguzanyo zitangwa ku mishanga iciriritse mu rwego rwa VUP mu Ntara y'Iburasirazuba

| UTURERE | INGUZANYO ZATANZWE | INGUZANYO ZISHYUWE | INGUZANYO ZAKEREREWE KWISHYURWA | AMAFARANGA YASANZWE KURI KONTI ZA SACCO ATARATANGWA |
|---|---|---|---|---|
| Gatsibo | 2.332.457.052 | 1.176.878.992 | 126.151.459 | 302.816.833 |
| Ngoma | 280.668.700 | 204.264.416 | 37.954.792 | 66.170.664 |
| Bugesera | 168.951.000 | 91.643.833 | 138.678.705 | 88.777.359 |
| **IGITERANYO** | **2.782.076.752** | **1.472.787.241** | **302.784.956** | **457.764.856** |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho, 2019

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, haracyari abagenerwabikorwa batitabira kwishyura inguzanyo uko bikwiye, hakaba n'ikibazo cy'amafaranga yatinze kuri konti za SACCO.

Muri rusange muri uyu mwaka wa 2019-2020 ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho ryasubiye inyuma ugereranyije n'umwaka ushize w'ingengo y'imari. Mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali, nta na hamwe bakoze ku nkingi zose ziteganywa n'amabwiriza.

## 1.4.5. Ibiganiro ku miyoborere mu nzego zitandukanye binyujijwe muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza

**"IMIYOBORERE TWIFUZA, UMUTURAGE KU ISONGA"**

Ni gahunda ya RGB igamije kwimakaza amahame y'imiyoborere mu nzego z'ibanze, guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, kuzamura ireme ry'imitangire ya serivisi mu nzego zitandukanye no guteza imbere imibereho y'abaturage n'iterambere rirambye.

Mu birebanana n'iyi gahunda, hakozwe ubukangurambaga ku miyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze bwibanze ku byiciro bikurikira: Inama Njyanama z'uturere, urubyiruko rw'abanyeshuri bo mu mashuri makuru na kaminuza ndetse n'abaturage muri rusange.

### Ibiganiro n'Inama Njyanama z'uturere

RGB yagiranye ibiganiro n'Inama Njyanama n'abandi bafatanyabikorwa mu turere 12 aritwo; Gakenke, Rulindo, Ruhango, Nyanza, Kamonyi, Nyabihu, Karongi, Rutsiro, Nyamasheke, Gatsibo, Kayonza na Bugesera. Ibi biganiro byibanze ku ngingo zikurikira: Uruhare rw'Umujyanama mu kwimakaza imiyoborere myiza, kunoza imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'umuturage mu bimukorerwa ndetse no kugaragariza Inama Njyanama uko abaturage babona serivisi bahabwa n'inzego zitandukanye hagendewe ku byavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2018 na CRC 2019. Muri izi nama Abajyanama biyemeje kunoza imikoranire n'izindi nzego nka JADF, gushyiraho ingamba zo kurushaho kwegera abaturage no kunoza imitangire ya serivisi.

### Ubukangurambaga mu baturage

Muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza kandi hakozwe ibiganiro binyuze mu nteko z'abaturage bigamije kubakangurira kugira uruhare mu bibakorerwa no mu gukemura ibibazo bibangamiye iterambere ryabo ndetse no kubibutsa ko bafite inshingano n'uburengenzira kuri serivisi inoze. Ibiganiro byakozwe mu turere 16 aritwo Kicukiro, Gasabo, Nyarugenge, Rwamagana, Musanze, Nyaruguru, Nyamagabe, Gisagara, Nyagatare, Ngororero, Ngoma, Gicumbi, Burera, Rubavu, Huye na Rusizi. Muri ibi biganiro habonetse n'umwanya wo guha abaturage urubuga rwo kungurana inama n'abayobozi babo, ku byakorwa bigamije kubateza imbere no kuzana impinduka nziza mu mibereho yabo.

### Ibiganiro n'urubyiruko rwo mu mashuri makuru na kaminuza

RGB yagiranye ibiganiro n'urubyiruko rwo mu mashuri makuru na kaminuza mu rwego rwo kubashishikariza kugira uruhare mu kwimakaza imiyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze. Ibi biganiro byakorewe mu mashuri makuru na kaminuza cumi na zirindwi (17).



Urubyiruko rwitabiriye ibiganiro byateguwe na RGB , Kigali, 29.10.2019

Icyagaragaye muri ibi biganiro ni uko uruhare rw'urubyiruko mu bikorwa rusange by'abaturage nk'inama z'abaturage, kwitabira umuganda, gutanga ibitekerezo kuri politiki n'ingamba zitegurwa mu gihugu n'ibindi rukiri hasi. Abaganirijwe biyemeje gukangurira bagenzi babo kurushaho kwitabira gahunda za Leta kugira ngo nk'urubyiruko rwagize amahirwe yo kwiga rumurikire bagenzi barwo mu kwitabira gahunda zo kubaka Igihugu.

### 1.4.6. Amarushanwa y'Umurenge Kagame Cup 2020

Amarushanwa y' "Umurenge Kagame Cup" ni urubuga rwo kugeza ubutumwa bunyuranye ku baturage harimo kugira uruhare mu bibakorerwa, kunoza imitangire ya serivisi, gukangurira urubyiruko kwirinda ingeso mbi ndetse n'ibindi bibazo bibangamira iterambere ryabo.

Muri uyu mwaka wa 2019-2020, aya marushanwa yarabaye kuva ku rwego rw'umurenge kugeza ku rwego rw'akarere icyakora ntiyabashije gukomeza ku byiciro bikurikiyeho kubera icyorezo cya koronavirusi (COVID-19).

### 1.4.7. Gahunda y'ubujyanama bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze

Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa, RGB yakomeje gahunda y'ubujyanama bugamije kunoza imikorere mu nzego z'ibanze aho buri Ntara n'Umujyi wa Kigali byari byarahawe abakozi babiri bari bashinzwe gutanga inama n'ubufasha hagamijwe kunoza imikorere mu gutegura imihigo, kuyishyira mu bikorwa, kuyikurikirana no kuyisuzuma, guhana ubumenyi, imicungire igamije umusaruro (RBM), iterambere ry'uturere na gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020 hasuzumwe umusaruro watanzwe n'iyo gahunda hanakorwa raporo y'isozwa ryayo. Iyo raporo igaragaza bimwe mu bikorwa byakozwe kandi bigatanga umusaruro birimo kongerera uturere ubushobozi mu byerekeye gukora igenamigambi no gutegura imihigo, ndetse n'ikurikirana n'isuzumabikorwa. Iyi gahunda yanafashije uturere mu kunoza ihuzabikorwa n'imikoranire hagati y'uturere n'abafatanyabikorwa mu iterambere.

Mu rwego rwo gusigasira ibyagezweho binyuze muri iyi gahunda, hashyizweho itsinda (Imihigo Quality Assurance Team) kuri buri karere, Intara n'Umujyi wa Kigali rinahabwa amahugurwa. Abagize aya matsinda bafite inshingano zo gukomeza guhugura abakozi b'inzego bakoreramo, gufasha uturere mu kongera uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) mu mihigo, kongera imbaraga muri gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho no kuyinoza, ndetse n'izindi gahunda zigamije iterambere n'imibereho myiza by'abaturage.

### 1.4.8. Guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF)

Hagamijwe kuzamura uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu, RGB ifatanyije n'abagize Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu Iterambere yateguye inama ziteganywa n'itegeko. Habaye inama imwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali, hanakorwa inama eshatu mpuzabikorwa z'igihembwe muri enye zari ziteganyijwe, indi imwe ntiyabaye kubera icyorezo cya koronavirusi (COVID-19). Izi nama zafashije gukurikirana no guhuriza hamwe ibikorwa bya JADF no kujya inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere rirambye.

RGB yanahuguye abakozi bashinzwe JADF mu turere twose, mu rwego rwo kubongerera ubumenyi n'ubushobozi kugira ngo barusheho guteza imbere ubufatanye hagati y'uturere n'abafatanyabikorwa muri gahunda z'iterambere. Hakozwe kandi ibikorwa byo kwigiranaho hagati y'abafatanyabikorwa bibumbiye muri JADF z'uturere. Ibyo bikorwa byatumye abagize JADF barushaho kumva ibyiza byo gutegura igenamigambi rihuriweho, gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana ndetse n'imikoranire hagati ya JADF n'uturere.

Nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga JADF, uturere twashyikirije RGB raporo z'ibikorwa bya JADF. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibikwiye kunozwa nk'uko byagaragajwe na raporo zitandukanye zavuye mu turere.

### Imbonerahamwe ya 18: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa

| No | IKIBAZO | INGAMBA | UZABIKORA |
|---|---|---|---|
| 1. | Imyanzuro y'inteko rusange za JADF ntishyikirizwa Inama Njyanama z'Uturere bigatuma abazigize batagira amakuru ahagije ku mikorere ya JADF | Kunoza imikoranire hagati y'Inama Njyanama z'uturere na JADF<br><br>Imyanzuro y'inteko rusange za JADF ikwiye gushyikirizwa Inama Njyanama z'uturere nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe | Uturere JADF |
| 2. | Zimwe muri Gahunda z'ibikorwa z' abafatanyabikorwa bibumbiye muri JADF ntizihuzwa n'ibikorwa byihutirwa mu iterambere ry'uturere bakoreramo | JADF n'uturere bakwiye kongera ubufatanye mu gukora igenamigambi rihuriweho no kurushaho kwegera abaturage kugira ngo iryo genamigambi ribe rishingiye ku byifuzo n'ibitekerezo by'abaturage | Uturere JADF |
| 3. | Intege nke mu kubika amakuru ku bikorwa ntangarugero bya JADF (best practices) | Gushyira imbaraga mu kubika amakuru ku bikorwa ntangarugero bya JADF kugira ngo abandi babyigireho mu rwego rwo kunoza imikorere no kwihutisha iterambere | Uturere JADF, Intara n'Umujyi wa Kigali |
| 4. | Komisiyo za JADF ku rwego rw'uturere ntizikora uko bikwiye | Kongera imbaraga mu mikorere ya komisiyo za JADF | Uturere JADF |
| 5. | Uruhare rukiri hasi rwa bamwe mu bagize JADF | Kongera ubukangurambaga mu bafatanyabikorwa bibumbiye muri JADF kugira ngo barusheho kwitabira no kugira uruhare rufatika mu bikorwa by'iterambere ry'uturere | Uturere |

Aho byavuye: Governance assessment on sports federations

## 1.5. IMITWE YA POLITIKE, IMIRYANGO ITARI IYA LETA N'IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE

Muri rusange hamaze kwandikwa imiryango nyarwanda itari iya leta 1881, imiryango ishingiye ku myemerere 771, imiryango mvamahanga itari iya Leta 189 n'imitwe ya politiki 11.

### 1.5.1. Kwandika no gukurikirana Imiryango nyarwanda itari iya Leta

RGB yahaye ubuzimagatozi Imiryango nyarwanda itari iya Leta 115 inakira ubusabe 323 bw'Imiryango nyarwanda itari iya Leta yifuza gutangira ibikorwa. Nyuma yo gusuzuma ubwo busabe, Imiryango 285 yahawe icyangombwa cy'iyandikwa cy'agateganyo naho 38 isigaye isabwa kuzuza ibibura mu busabe bwayo. RGB kandi yakurikiranye imikorere y'imiryango nyarwanda itari iya Leta 142.

### 1.5.2. Kwandika no gukurikirana Imiryango mvamahanga itari iya Leta

RGB yahaye Imiryango mvamahanga itari iya Leta 11 mishya uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda inongerera imiryango 125 igihe cyo gukorera mu Rwanda. Imiryango 41 isanzwe ifite ibyangombwa biyemerera gukorera mu Rwanda mu gihe kirenze umwaka yashyikirije RGB ibisabwa nk'uko biteganywa n'amategeko. Hakanakurikiranwe imikorere y'imiryango mvamahanga itari iya Leta 11.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, imiryango mvamahanga itari iya Leta yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amadorali y'Amerika 194.276.310 mu mishinga itandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 19: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga

| No | ICYICIRO | UMUBARE W'IMIRYANGO | INGENGO Y'IMARI/ USD |
|---|---|---|---|
| 1 | Uburezi | 49 | 48.087.203 |
| 2 | Ubuzima, isuku n'isukura | 31 | 39.985.043 |
| 3 | Ubuhinzi n'ubworozi | 24 | 43.954.737 |
| 4 | Imibereho myiza | 25 | 10.740.533 |
| 5 | Iterambere ry'umuryango n'uburenganzira bw'abana | 20 | 16.315.016 |
| 6 | Uburinganire n'iterambere ry'umugore | 17 | 3.698.501 |
| 7 | Kubungabunga ibidukikije na pariki | 9 | 2.161.870 |
| 8 | Imicungire y'ibiza n'impunzi | 11 | 10.801.589 |
| 9 | Iterambere ry'ubukungu n'ishoramari | 8 | 1.119.251 |
| 10 | Guteza imbere imiyoborere n'itangazamakuru | 7 | 329.523 |
| 11 | Amazi | 5 | 3.306.733 |
| 12 | Urubyiruko | 7 | 5.199.877 |
| 13 | Guteza imbere ubucuruzi buciriritse n'ubwambukiranya imipaka | 7 | 5.587.284 |
| 14 | Ubutabera | 5 | 420.197 |
| 15 | Ingufu zisubira, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'umutungo kamere | 3 | 403.144 |
| 16 | Guteza imbere siporo n'umuco | 3 | 402.629 |
| 17 | Guteza imbere ibikorwaremezo | 4 | 1.220.889 |
| 18 | Ikoranabuhanga | 1 | 542.291 |
| **IGITERANYO** | | | **194.276.310** |

Aho byavuye: RGB monitoring Report 2019-2020

### 1.5.3. Kwandika no gukurikirana Imiryango ishingiye ku myemerere


Imiryango ishingiye ku myemerere 31 mishya yahawe ubuzimagatozi, irimo amatorero n'amadini 10, minisiteriya 9, minisiteriya zidafite imiryango zishamikiyeho (Inter-denominal) 11, impuzamiryango 1 n'ihuriro ry'impuzamiryango 1.

Imiryango ishingiye ku myemerere 388 yashyikirije RGB inyandiko zisaba guhuza imikorere yayo n'itegeko riyigenga (compliance). Muriyo, 306 yamaze guhabwa icyangombwa cyo guhuza n'itegeko, (certificate of compliance), ikaba irimo amadini n'amatorero 195, minisiteriya 74, ministeriya zidafite imiryango zishamikiyeho 31, impuzamiryango 5, ihuriro ry'impuzamiryango 1. Imiryango 82 yasabwe kuzuza ibibura kugira ngo nayo ihabwe icyangombwa cyo guhuza n'itegeko.

Imiryango 352 ntirashyikiriza RGB inyandiko zihuza imikorere yayo n'itegeko rishya riyigenga. Muriyo, harimo imiryango 196 yari ifite ibyangombwa by'agateganyo mbere y'uko itegeko rishya risohoka n'indi 156 yari yarahawe ubuzimagatozi.

RGB yanagenzuye inyubako zisengerwamo 215 (prayer houses) z'imiryango ishingiye ku myemerere 102 hagamijwe kureba ko zujuje ibisabwa. Igenzura ryagaragaje ko habayeho impinduka nini kuko imiryango ishingiye ku myemerere ku bufatanye n'abayoboke bayo bubatse inyubako zisengerwamo zujuje ibisabwa. Amafoto akurikira agaragaza impinduka zabaye kuri zimwe mu nyubako zisengerwamo nyuma yo kuvugururwa.

## Rise and Put In Action Church/Gasabo


Inyubako yasengerwagamo mbere


Inyubako isengerwamo nyuma yo kuvugururwa

## Santarari ya Kiyanzi/Kirehe


Inyubako yasengerwagamo mbere


Inyubako isengerwamo nyuma yo kuvugururwa

Igenzura ryanagaragaje ko imiryango ishingiye ku myemerere yagize uruhare mu kugoboka abagizweho ingaruka n'icyorezo cya COVID-19 aho yatanze amafaranga 1.165.359.373 yagobotse imiryango 215.732 hirya no hino mu gihugu.

### 1.5.4. Gukurikirana imikorere y'Imitwe ya politiki

Hagenzuwe imitwe ya politiki 4 ariyo; Ishyaka ry'ubwisungane bugamije iterambere (PSP), Ishyaka ry'abakozi mu Rwanda (PSR), Ishyaka ry'iterambere n'ubusabane (PPC) n'Ishyaka riharanira demokarasi n'imibereho myiza (PSD).

Muri rusange, imitwe ya politiki yubahiriza amategeko ayigenga mu mikorere yayo, icyakora byagaragaye ko hari inzego zidakora uko bikwiye zirimo komite ngenzuzi na na komite nkemurampaka.
Mu rwego kandi rwo gufasha imitwe ya politiki kunoza imikorere, hakozwe inama yateguwe ku bufatanye n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO) n'Urwego rw'Umuvunyi. Iyi nama yari igamije gufasha imitwe ya politiki kunoza imikorere n'imicungire y'umutungo.

### 1.5.5. Imiryango yagaragayemo ibibazo n'ibyemezo yafatiwe

Nyuma y'igenzura ryakorewe Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere hari iyagarayemo ibibazo. RGB yabikoreye ubusesenguzi ifatanyije n'inzego bireba hafatwa ibyemezo bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Imbonerahamwe ya 20: Imiryango yagaragayemo ibibazo n'ibyemezo yafatiwe

| No | UMURYANGO | ICYICIRO CY'UMURYANGO | IMITERERE Y'IKIBAZO | ICYEMEZO CYAFASHWE |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Itorero Highway of Holiness Evangelical International Foundation Miracle Center Churches of Rwanda | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango wabayemo amakimbirane hagati y'abayobozi bawo ku buryo byateje umwuka mubi mu bawugize bituma ucikamo ibice. | Nyuma yo gusesengura amakimbirane yaranze uyu muryango n'inama nyinshi bagiriwe, RGB ifatanyije n'Ihuriro ry'Amatorero y'abavutse ubwa kabiri (FOBACOR) bahagaritse by'agateganyo komite nyobozi yose, hashyirwaho ubuyobozi bw'agateganyo buhabwa inshingano yo gusesengura ibibazo byugarije Itorero bukazatanga raporo muri RGB. |
| 2. | Highway of Holiness Miracle Centre Churches in Rwanda | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango wari warahawe ubuzimagatozi hashingiwe ku makuru atari ukuri kubera ko wahinduye izina ry'undi muryango bitanyuze mu buryo bwemewe n'amategeko bigatuma hakomeza kubaho imiryango ibiri ifite bamwe mu bayobozi mu miryango yombi kandi ikorera ahantu hamwe, inakoresha umutungo wa Highway of Holiness Evangelical International Foundation Miracle Center Churches of Rwanda. | Uyu muryango wambuwe ubuzimagatozi. |
| 3. | AGAPE Sanctuary Church | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango wakoraga udafite icyangombwa kuko icyemezo cyo kwiyandikisha cy'agateganyo wari ufite cyari cyararangije igihe ndetse n'ubusabe bwawo bwo guhabwa ubuzimagatozi ntibwemezwa kubera amakimbirane n'imiyoborere mibi byari mu bawugize. | RGB yahagaritse ibikorwa bya Agape Sanctuary Church mu gihugu, inandikira uturere wakoreragamo idusaba gukurikirana umutungo uwo muryango wari ufite hashingiwe ku biteganywa n'amategeko. |
| 4. | Communauté Methodiste Unie International (CMUI) | Umuryango ushingiye ku myemerere | Ubushinjacyaha Bukuru bwakurikiranaga ibyaha bijyanye n'imikoreshereze y'umutungo muri CMUI bwasabye RGB gukora igenzura ku mikoreshereze y'umutungo w'uwo muryango. | RGB yakoze iryo genzura ishyikiriza raporo Ubushinjacyaha Bukuru. |
| 5. | Communaute des diaconesses-Abaja ba Kristo | Umuryango ushingiye ku myemerere | Sr. MURORIYERA Ernestine yandikiye RGB ayisaba kurenganurwa kuko uyu muryango wamwirukanye mu buryo bunyuranije n'amategeko. Ni nyuma y'uko yari yandikiye urwego rushinzwe gukemura amakimbirane muri uwo muryango ntirumukemurire ikibazo, ahitamo kwitabaza Akarere ka Karongi na RGB. | RGB iracyakurikirana iki kibazo. |
| 6. | Itorero Inkuru Nziza | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uwari Umunyamabanga Mukuru w'iri torero yakuweho n'inteko rusange ashinjwa kunyereza umutungo. Nyuma yo gukurwa muri izo nshingano yandikira RGB agaragaza ko atanyuzwe n'umwanzuro yafatiwe. | RGB yasanze uwo wari umunyamabanga yarakuweho mu buryo bwemewe n'amategeko imusaba kubahiriza imyanzuro yafashwe n'inteko rusange. |
| 7. | Planta Panta International | Umuryango Mvamahanga utari uwa Leta | Uyu muryango wagaragayeho kudashyira mu bikorwa ibikubiye mu igenamigambi wari wateganyije kugenderaho. | Nyuma y'aho bigaragariye ko uyu muryango wihanangirijwe inshuro ebyiri zikurikirana utabasha gushyira mu bikorwa igenamigambi ryawo; RGB yandikiye Ubuyobozi bwawo ibugira inama yo kuba buhagaritse ibikorwa byawo bukabanza gushaka umutungo wafasha umuryango gukora ibyo wiyemeje, kuko impamvu bagaragazaga ari ukutagira amikoro. Umuryango warabyemeye uhagarika ibikorwa byawo. |

Aho byavuye: Governance assessment on sports federations

### 1.5.6. Ivugurura ry'amategeko agenga imiryango nyarwanda n'imiryango mvamahanga itari iya Leta

RGB yatangiye igikorwa cyo kuvugurura amategeko arimo itegeko n° 04/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya leta ndetse n'itegeko n° 05/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango mvamahanga itari iya leta. Ivugurura ry'aya mategeko rigamije kuyahuza n'itegeko rishyiraho RGB no kuvugurura zimwe mu ngingo zayo mu rwego rwo kunoza imikorere y'iyo miryango.

Imishinga y'ayo mategeko igiye gushyikirizwa inzego bireba kugirango kugira ngo isuzumwe.

### 1.5.7. Kubaka ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

RGB ku bufatanye na UNDP n'izindi nzego za Leta yatanze inkunga y'amafaranga y'u Rwanda 892.490.724 ku mishinga 35 y'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere mu rwego rwo kuyubakira ubushobozi no gushyira mu bikorwa gahunda zitandukanye ziteza imbere abaturage.

Imbonerahamwe ya 21: Inkunga yatanzwe ku miryango itari iya leta mu byiciro bitandukanye

| No | ICYICIRO | UMUBARE W'IMIRYANGO YATEWE INKUNGA | AMAFARANGA YATANZWE (FRW) |
|---|---|---|---|
| 1 | Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta | 4 | 57.490.724 |
| 2 | Kuzamura imibereho myiza y'abaturage | 3 | 75.000.000 |
| 3 | Guteza imbere amakoperative, urubyiruko, guhanga umurimo no gusigasira umuco nyarwanda | 3 | 75.000.000 |
| 4 | Kwegereza abaturage serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi | 5 | 125.000.000 |
| 5 | Imibanire myiza mu miryango, kurengera uburenganzira bw'umwana, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana | 5 | 125.000.000 |
| 6 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, kugaragariza abaturage ibibakorerwa n'imitangire ya serivisi | 2 | 50.000.000 |
| 7 | Kubungabunga ibidukikije | 2 | 50.000.000 |
| 8 | Kongerera ubushobozi abantu bafite ubumuga | 7 | 175.000.000 |
| 9 | Gutanga ubufasha mu by'amategeko | 1 | 25.000.000 |
| 10 | Guteza imbere ubushakashatsi bugamije iterambere | 3 | 135.000.000 |
| **IGITERANYO** | | **35** | **892.490.724** |

Aho byavuye: Raporo y'ibikorwa 2020-2021

Uretse inkunga y'amafaranga yatanzwe, hahuguwe abantu 302 (abagore 142 n'abagabo 160) barimo abayobozi b'imiryango, abayobora imishinga n'abacungamutungo. Amahugurwa yibanze ku bijyanye n'icungamutungo, imicungire y'imishinga no gukora raporo z'ibikorwa, uburyo bunoze bwo guhana amakuru no kumenyekanisha ibikorwa, gukora no kwandika imishinga, gushaka umutungo, kwimakaza ihame ry'uburinganire, imiyoborere myiza no guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

Ibikorwa byo kubaka ubushobozi bw'iyi miryango byatanze umusaruro mu buryo butandukanye haba ku miryango ubwayo ndetse no ku bagenerwabikorwa bayo.


## UMUSARURO KU MIRYANGO UBWAYO:

- Amahugurwa yafashije abafatanyabikorwa kunoza imicungire y'umutungo na raporo bijyanye kuko mbere yayo, hafi ya 50% by'abafatanyabikorwa batangaga raporo zitanoze.
- Abaturage bahawe ubutumwa ku mitangire ya serivisi inoze bwanyujijwe mu biganiro (ikinamico urunana) byatambutse kuri radiyo zitandukanye

## UMUSARURO KU BAGENERWABIKORWA

Imiryango yahawe amafaranga yakoze ibikorwa bitandukanye byazanye impinduka mu mibereho y'abagenerwabikorwa nk'uko bigagara mu mbonerahamwe ikurikira.

INGERO Z'UMUSARURO WAVUYE KU NKUNGA YAHAWE SOSIYETE SIVILI 2019-2020



**2.246**
Amatungo yahawe imiryango ikennye

Imiryango isaga 2200 ibarizwa mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'ubudehe yahawe amatungo 2.246 arimo inkoko 1888, ingurube 156, ihene 198 n'inka 4 kugira ngo abafashe kuzamura imibereho yabo.







**148**
Urubyiruko rwahuguwe mu kwihangira imirimo


Abantu 133 bo mu karere ka Nyaruguru bize umwuga w'ubudozi bahabwa n'imashini zidoda.



Abantu 15 b'imfubyi za Genocide yakorewe Abatutsi bibumbiye mu itsinda "Ishami" ryo mu Karere ka Gisagara, Umurenge wa Kigembe, rwatewe inkunga yo gukora uruganda rucirirtse "DUMAPRO" rutunganya ibigori. Uruganda rufite ubushobozi bwo gusya toni 2 ku munsi. DUMAPRO ishobora kubona inyungu rusange iri hagati y'ibihumbi 400.000 na 500.000 ku kwezi kubera umusaruro ukiri mukeya.





## INGERO Z'UMUSARURO WAVUYE KU NKUNGA YAHAWE SOSIYETE SIVILI 2019-2020



**90**

Abana 90 bari munsi y'imyaka 5 bafashijwe kuva mu mirire mibi

Abana 90 bari munsi y'imyaka 5 bo mu Karere ka Bugesera mu murenge wa Nyamata bafashwa n'umuryango "Gasore Serge Foundation" bafashijwe kuva mu mirire mibi binyujjwe mu kwigisha ababyeyi babo uko bategura indyo yuzuye.








**200.000**

Ibiti 200.000 byatewe hagamijwe kurwanya isuri

Ibiti bigera ku bihumbi 200.000 byatewe ku buso bungana na hegitari 17 mu karere ka Nyagatare ku misozi ya Kiyovu, Byimana na Kabeza hagamijwe kurwanya isuri yangiza umugezi w'umuvumba.





**223**

Amavomero yabungabunzwe muri Ndiza

Amavomero 223 yo mukarere ka Muhanga mu misozi ya Ndiza yarabungabunzwe mu buryo burambye ndetse hashyirwaho na Komite z'ishinzwe gucunga no kubungabunga ayo mavomero



Water source before being protected



water source after protection



**9220**

Insina 9220 za kijyambere zahawe imiryango 300 ikennye

Insina 9220 za Kijyambere zahawe ingo 300 zo mu turere twa Kayonza na Gatsibo mu rwego rwo kubafasha kuzamura umusaruro w'urutoki. Buri rugo rwahawe byibuze insina 30 n'ifumbire.



Banana plantation before



Banana plantation after

## INGERO Z'UMUSARURO WAVUYE KU NKUNGA YAHAWE SOSIYETE SIVILI 2019-2020

**21.181.635 FRW**

Amatsinda 68 yo kwizigama no kugurizanya yizigamye 21.181.635 Frw mugihe cy'amezi 10

Amatsinda 68 agizwe n'abantu 1470 akorera mu karere ka Nyaruguru yashoboye kwizigama 21,181,635 Frw mu rwego rwo kwiteza imbere. Ubu abanyamuryango bayo matsinda bashobora kuyaguzamo amafaranga yo kwishyura ubwisungane mu kwivuza n'ayo kugura amatungo magufi cyangwa gukora ibindi bikorwa bibyara inyungu.



Musabyemariya Goretti yagiye mu itsinda ryo kubitsa no kugurizanya, agurizwa 100.000frws yaguzemo ingurube. Ibyana 6 byayikomotsehoo yarabigurishije amafaranga avuyemo aguramo inyana.

**100**

Ubuhunikiro bwa toni zirenga 100 bwubatswe mu karere ka Rusizi

Ubuhunikiro bw'imyaka bwujuje ubuziranenge bufite ubushobozi bwo guhunika toni 120 bwubatswe mu karere ka Rusizi, bukazafasha abahinzi bo muri ako karere guhunika umusaruro wabo igihe kirekire utangiritse.



Ubuhunikiro bw'imyaka

# 1.6. URWEGO RW'ITANGAZAMAKURU

## 1.6.1. Uko urwego rw'Itangazamakuru ruhagaze

Ibitangazamakuru bikorera mu Rwanda bigizwe na radiyo, televiziyo, ibitangazamakuru bisohoka ku mpapuro n'ibikorera kuri interineti.

Imbonerahamwe ya 22: Ibitangazamakuru bikorera mu Rwanda

| UBWOKO BW'IGITANGAZAMAKURU | UMUBARE |
|---|---|
| Radiyo | 37 |
| Televiziyo | 21 |
| Ibinyamakuru bisohoka ku mpapuro | 31 |
| Ibinyamakuru bikorera kuri murandasi (online media) | 100 |

Aho byavuye: RURA, Kamena 2020

Umubare w'ibitangazamakuru bikorera kuri murandasi uri hejuru ugereranyije n'ubundi bwoko bw'ibitangazamakuru. Ibi bikaba bifitanye isano n'umuvuduko w'iterambere ry'ikoranabuhanga mu Rwanda. Isakazamashusho n'amajwi rigezweho (Digital migration), byatumye radiyo na televiziyo bibasha kurebwa no kumvikana mu bice hafi ya byose by'igihugu. Urugero, Radiyo Rwanda n'amaradiyo ayishamikiyeho yumvikana mu gihugu ku kigero cya 98%, naho Televiziyo Rwanda n'izindi zikoresha iminara ya RBA, amashusho yazo ageraku buso bw'igihugu bungana na 80%.

Mu Rwanda kandi hari ibigo bitatu bicuruza ifatabuguzi rya televiziyo: Star Africa Media Ltd, Tele 10 Group Ltd na Azam Media Ltd.

Ku birebana no kubaka ubushobozi bw'urwego rw'itangazamakuru, hari amashuri makuru atatu (4) yigisha itangazamakuru n'itumanaho: ishami ry'itangazamakuru n'itumanaho rya Kaminuza y'u Rwanda, ishami ry'itangazamakuru n'itumanaho ryo muri Kaminuza Gatulika ya Kabgayi, ishami ry'itangazamakuru n'itumanaho ryo muri Mount Kenya University-Rwanda n'ishami ry'itangazamakuru n'itumanaho ryo muri Kaminuza ya Kigali.

Kugera muri Kamena 2020, abanyamakuru bari bafite ikarita y'umwuga itangwa n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura ni 1.110, muribo 23,5% ni abagore naho 76,5 % ni abagabo.

## 1.6.2. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru

Mu rwego rwo kongerera ubushobozi urwego rw'itangazamakuru, RGB yateye inkunga y'amafaranga 176.649.682 imishinga n'ibikorwa by'ibitangazamakuru icyenda n'amashyirahamwe abiri y'abanyamakuru. Amafaranga yahawe Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura mu rwego rwo kuyongerera ubushobozi kugira ngo babashe kuzuza inshingano zayo. Inkunga yahawe ibitangazamakuru yabifashije kubaka ubushobozi bwabyo, bigura ibikoresho byifashisha mu kazi kabyo ka buri munsi ko gutara amakuru, kuyatunganya no kuyatangaza.

### 1.6.3. Kwimakaza ubunyamwuga mu rwego rw'itangazamakuru

Ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP), Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru (ARJ), Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura (RMC) n'Inama nkuru y'Itangazamakuru (MHC), RGB yatanze ibihembo ku bitangazamakuru n'abanyamakuru babaye indashyikirwa mu mwaka wa 2019.

Ibi bihembo byatanzwe binyuze mu ipiganwa ryitabiriwe n'abanyamakuru 596. Muri rusange hatanzwe ibihembo 29 bifite agaciro ka miliyoni 24 z'amafaranga y'u Rwanda.




Abanyamakuru n'abayobozi b'ibitangazamakuru bahawe ibihembo

Iki gikorwa cyanagizwemo uruhare n'abandi bafatanyabikorwa barimo inzego za Leta batandukanye banatanze ibihembo mu byiciro bitandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 23: Inzego zifatanyije na RGB mu gutanga ibihembo

| NO | UMUFATANYABIKORWA | ICYICIRO CY'INKURU ZAHEMBWE |
|---|---|---|
| 1. | Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge | Guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge |
| 2. | Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango | Kurwanya ihohoterwa rishingiye kugitsina |
| 3. | Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro | Guteza imbere ikoranabuhanga |
| 4. | Inteko Nyarwanda y'ururimi n'umuco | Guteza imbere imikoreshereze inoze y'Ikinyarwanda |
| 5. | Minisiteri ya siporo n'umuco n' Inteko Nyarwanda y'ururimi n'umuco | Guteza imbere umuco Nyarwanda |
| 6. | SFH Rwanda | Guteza imbere ubuzima |
| 7. | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga Ibidukikije | Kubungabunga ibidukikije |

Aho byavuye: RURA, Kamena 2020

### 1.6.4. Ibiganiro bigamije gukangurira ibitangazamakuru gukoresha neza ururimi rw' ikinyarwanda

Ku bufatanye n'Ishyirahamwe nyarwanda ry'Abanyamakuru, RGB yagiranye ibiganiro n'abayobozi b'ibitangazamakuru n'abanyamakuru bigamije kubakangurira gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda. Ibi biganiro byitabiriwe n'abantu 159 barimo abanyamakuru n'abayobozi b'ibitangazamakuru 83 birimo radiyo, televiziyo, ibitangazamakuru byandika n'ibikorera kuri murandasi.

Muri ibi biganiro havuyemo umwanzuro wo gukorana n'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco mu kurushaho kumenyekanisha Amabwiriza y'imyandikire y' Ikinyarwanda no gushaka Ikinyarwanda cy'amagambo mashya akomoka mu zindi ndimi kandi akaba avuga ku bintu byinjiye mu buzima bwa buri munsi bw'Abanyarwanda.
Ikindi cyakozwe mu rwego rwo guteza imbere imikoreshereze inoze y'ururimi rw' Ikinyarwanda mu itangazamakuru, mu bihembo byahawe abanyamakuru b'indashyikirwa mu mwaka wa 2019 harimo icyagenewe umunyamakuru wahize abandi mu gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

### 1.6.5. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' Imihigo y'IMPAMYABIGWI

RGB ikurikirana ku buryo buhoraho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Impamyabigwi (Itorero ry'abanyamakuru). Hashingiwe ku mihigo y'impamyabigwi, hakozwe ibikorwa bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

### Imbonerahamwe ya 24 : Ibikorwa byakozwe n'Impamyabigwi

| NO | UMUHIGO | ICYAKOZWE |
|---|---|---|
| 1. | Guteza imbere ikigega cy'Iterambere ry'Abanyamakuru (Media Development Fund) | Ikigega cy'Iterambere ry'Abanyamakuru (Media Development Fund), cyatangijwe muri Kamena 2019. Iki kigega kimaze kugira abanyamuryango 104 kikaba kimaze kugeramo amafaranga y' U Rwanda asaga 6.000.000. |
| 2. | Kwizihiza Umunsi ngarukamwaka Nyafurika w'itangazamakuru | Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru wizihijwe ku wa 8 Ugushyingo 2019, witabirwa n'abantu barenga 300 harimo Abanyarwanda n'Abanyamahanga. Kimwe mu byibanzweho mu biganiro byo kuri uyu munsi harimo uruhare rw'itangazamakuru mu kubaka iterambere ry'Afurika. |
| 3. | Icyumweru cyahariwe Itangazamakuru "Media Week" | Icyumweru cyahariwe Itangazamakuru "Media Week" cyabaye kuva ku wa 2 kugeza 7 Ugushyingo 2019. Muri icyo cyumweru cyahariwe itangazamakuru, habaye ibiganiro mu bitangazamakuru bitandukanye byo kumenyekanisha umunsi Nyafurika w'itangazamakuru.<br><br>Iki cyumweru cyanabimburiwe n'umukino wa gicutiw'umupira w'amaguru wahuje ikipe y'abanyamakuru (Impamyabigwi) n'iy'abayobozi bakuru. Uyu mukino ukaba ari urubuga rwo kunoza imikoranire hagati y'inzego zitandukanye n'abanyamakuru cyane hashingiye ku birebana no kubona amakuru. |

Aho byavuye: RURA, Kamena 2020

## 1.6.6. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'icyegeranyo cya 2018 cy'uko itangazamakuru rihagaze mu Rwanda (Rwanda Media Barometer 2018)

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rukora Ubushakashatsi ku bipimo by'itangazamakuru mu Rwanda buri myaka ibiri. Ubushakashatsi buheruka bwakozwe, bunashyirwa ahagaragara muri 2018. Ubwo bushakashatsi bwagaragaje ibipimo by'aho itangazamakuru rigeze ryiyubaka bunatanga imyanzuro ikubiyemo ibikenewe kwitabwaho mu rwego rwo kurushaho guteza imbere urwego rw'itangazamakuru.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza uko iyo myanzuro yashyizwe mu bikorwa n'inzego bireba :

### Imbonerahamwe ya 25: Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya RMB 2018

| UMUHIGO | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Kongera ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru | Ku bufatanyanye n'Urwego rw'Umuvunyi, Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura na RALGA, hakomeje ubukangurambaga ku itegeko ryereke kubona amakuru mu nzego zitandukanye. |
| Guhuza amahugurwa ahabwa abanyamakuru n'ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo | Inama nkuru y'Itangazamakuru yahuguye Abanyamakuru n'abayobozi b'ibitangazamakuru 650 ku nsanganyamatsiko zitandukanye mu rwego rwo kubaha ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo. Yateguye kandi inama n'abayobozi muri kaminuza n'amashuri makuru yigisha itangazamakuru n'itumanaho hagamijwe kureba uburyo gahunda z'amasomo zahuzwa n'ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo. |
| Gushishikariza abanyamakuru gukora kinyamwuga no kubahiriza amahame agenga umwuga bakora | Urwego rw'abanyamakuru bigenzura n'Ishyirahamwe nyarwanda ry'abanyamakuru bateguye ibiganiro 13 byahuje abanyamakuru n'izindi nzego zifite aho zihuriye no guteza imbere itangazamakuru<br><br>Ibyo biganiro byagize uruhare mu kuzamura ubunyamwuga no kubahiriza amahame agenga itangazamakuru. Urugero ni igabanuka ry'ibirego ku banyamakuru bateshutse ku mahame y'umwuga byagabanutseho 50% biva kuri 50 muri 2019 bigera kuri 25 muri 2020. |

| UMUHIGO | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Kunoza imiyoborere y'abakozi n'imicungire y'umutungo w'ibitangazamakuru | Isuzuma ryakozwe na RGB ku bitangazamakuru 40, ryagaragaje ko 52,5% bifite inzego z'ubuyobozi z'ingenzi zirimo umuyobozi mukuru, ushinzwe imari n'abakozi n'ushinzwe ibikorwa by'ubucuruzi no kwamamaza.<br><br>Ibitangazamakuru bingana na 27,5% bifite n'umuyobozi mukuru n'umuyobozi ushinzwe imari gusa,mu gihe 20% bifite umuyobozi mukuru gusa ukora inshingano zose. |
| Gushyigikira ibikorwa bigamije kuzamura amikoro y'ibitangazamakuru | Kuva muri 2018 kugeza muri 2020, RGB yatanze miliyoni 446 z'amafaranga y'u Rwanda mu bikorwa n'imishinga bigamije guteza imbere urwego rw'itangazamakuru |
| Gutera inkunga ikigega cy'abanyamakuru cyo kubitsa no kuguriza hagamijwe guteza imbere imibereho myiza y'abanyamakuru | Ikigega cy'abanyamakuru cyo kubitsa no kuguriza cyatangijwe ku mugaragaro muri Kamena 2019, kugeza ubu gifite abanyamuryango basaga 100. RGB yafashije gutangiza iki kigega, igitera inkunga ya miliyoni eshanu (5) z'amafaranga y'u Rwanda. |
| Guhanga imishinga mishya yunganira uburyo busanzwe bukoreshwa n'ibitanzamakuru mu gushaka amikoro | Isuzuma ryakozwe na RGB ryagaragaje ko 50% y'ibitangazamakuru byabajijwe byahanze imishinga mishya yinjiza amafaranga. |

Aho byavuye: Report on the implementation of RMB 2018 recommendations

Uretse isuzuma ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'ubushakashatsi ku bipimo by'itangazamamakuru mu Rwanda bya 2018, hanakusanyijwe amakuru ku ngaruka icyorezo cya COVID-19 cyagize ku mikorere n'imibereho y'ibitangazamakuru hagamijwe kumenya ibyashingirwaho mu kubikorera ubuvugizi no kubigira inama ku buryo bwababafasha guhangana n'izo ngaruka.

Mu bitangazamakuru byabajijwe 50% byemeje ko byahagaritse cyangwa bisezerera abakozi kubera ingaruka za COVID-19. Abakozi bose hamwe bahagaritswe cyangwa basezerewe n'ibyo bitangazamakuru ni 132. Ibitangazamakuru bingana na 72,5% bivuga ko byahombye amafaranga ari hejuru ya kimwe cya kabiri cy'ayo byinjizaga mu bihe bisanzwe.

Ibitangazamakuru kandi byabajijwe ku ngamba zafasha mu guhangana n'ingaruka zatewe na COVID-19 harimo:

- Gushyirwa mu nzego zikwiye gufashwa binyuze mu kigega cyashyizweho (recovery fund) gishinzwe guhangana n'ingaruka za COVID-19;
- Gufasha abanyamakuru n'ibitangazamakuru binyuze mu gutera inkunga ikigega cy'iterambere ry'itangazamakuru(Media Development Fund) kugirango abanyamuryango babone inguzanyo mu buryo buboroheye bashobore guhangana n'ingaruka za COVID-19.

### 1.6.7. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru

Ku bufatanyanye bwa RGB, Urwego rw'Umuvunyi, Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura n'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali (RALGA) hakozwe ubukangurambaga ku itegeko ryereke kubona amakuru ku bantu 351 mu turere 10 aritwo Ngoma, Huye, Gisagara, Gicumbi, Gakenke, Kirehe, Rubavu, Nyamagabe, Nyabihu na Bugesera. Hateguwe kandi ibiganiro ku rwego rw'Intara y'Iburengerazuba byitabiriwe n'abantu basaga 300 barimo abayobozi mu nzego z'ibanze, abavuga rikumvikana, abikorera, abanyamakuru n'abahagariye inzego z'ibyiciro byihariye by'abaturage. Ku rwego rw'igihugu, hakozwe ibiganiro byitabiriwe n'abayobozi bakuru mu nzego za Leta basaga 200.



Abitabiriye ibiganiro byabereye i Karongi ku itegeko ryerekeye kubona amakuru

Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru bwanakozwe binyuze mu biganiro birindwi byatambutse kuri radiyo 15 na televiziyo imwe. Ubu bukangurambaga bwakozwe hagamijwe gushishikariza abayobozi n'abandi bakozi mu nzego za Leta, iz'Abikorera n'Imiryango itari iya Leta kurushaho gutanga amakuru kuko bifasha mu guteza imbere gukorera mu mucyo no kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

### 1.6.8. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku mavugurura yakozwe mu itangazamukuru

Muri 2013 Guverinoma y'u Rwanda yakoze amavugurura mu rwego rw'itangazamakuru hagamijwe kubaka itangazamakuru ryigenga kandi rifite ubushobozi bwo kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu. Mu mwaka wa 2018-2019, RGB yakoze ubushakashatsi kugira ngo isuzume umusaruro watanzwe n'ayo mavugurura.

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, RGB yamenyekanishije ibyavuye muri ubwo bushakashatsi binyuze mu nama yo kwizihiza Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru yitabiriwe n'abantu barenga 300. Inzego zitandukanye zifite aho zihuriye n'itangazamakuru zashyikirijwe ubu bushakashatsi hagamijwe kubereka ahagikeneye kongerwa imbaraga ndetse n'intambwe zigomba gukurikiraho muri ayo mavugurura. Ubu bushakashatsi bwanashyizwe ku rubuga rwa interineti rwa RGB.

### 1.6.9. Isesengura ku iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire mu rwego rw'itangazamakuru

Ku bufatanye n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abagore bakora Umwuga w'Itangazamakuru (ARFEM), hakozwe isesengura ku iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire mu rwego rw'itangazamakuru.

Iri sesengura ryagaragaje ko abagore bari mu mwuga w'itangazamakuru bakiri bake haba mu mu bayobozi b'ibitangazamakuru n'abanyamakuru. Mu binyamakuru byakoreweho isesengura, 80% byashinzwe n'abagabo bikorera mu gihe11,8% byashinzwe n'abagore. Ku birebana n'abanyamakuru, naho abagore baracyari bake ugereranyije

n'abagabo. Urugero, mu rwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA) abanyamakuru b'abagore ni 27,5% mu gihe abagabo ari 72,5%. Ibi bikaba bifitanye isano n'umubare w'abanyamakuru banditswe n'Urwego rw'abanyamakuru bigenzura ahagaragara ko mu banyamakuru 1.110 banditswe, 23,5% ari abagore naho 76,5 % ni abagabo.

## 1.7. IBIGANIRO N'UBUVUGIZI KU MIYOBORERE (POLICY ADVOCACY AND STRATEGIC ENGAGEMENTS)

RGB yakoze ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu byiciro binyuranye birimo: inzego za Leta, imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, imiryango mpuzahanga ndetse n'ibiganiro byatanzwe hifashishijwe Itangazamakuru ku nsanganyamatsiko zinyuranye. RGB kandi yakiriye amatsinda atandukanye y'abanyamahanga bagirana ibiganiro byibanze ku ngingo zitandukanye zerekeye Imiyoborere u Rwanda rwahisemo n'ibijyanye n'imikoranire.

### 1.7.1. Ibiganiro bitandukanye n'abafatanyabikorwa

RGB yagiranye ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu iterambere mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali hagamijwekunoza imikorere y'Abafatanyabikorwa mu iterambere n'imikoranire yabo n'uturere kugira ngo barusheho gutanga umusaruro ufatika mu iterambere ry'Igihugu. Haganiriwe cyane cyane ku guhuza igenamigambi n'ikurikiranabikorwa hagati y'Abafatanyabikorwa n'uturere. Ibi biganiro byitabiriwe n'Abayobozi b'Intara n'Umujyi wa Kigali, abayobozi mu nzego zegerejwe abaturage, abahagarariye inzego z'abikorera, abahagarariye imiryango nyarwanda n'imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorera mu turere, abahagariye amadini n'amatorero, n'abahagariye inzego za Leta bakorera mu Karere bimbumbiye muri JADF.

Abitabiriye ibi biganiro kandi bagaragarijwe ahakiri intege nke n'imikorere itanoze mu miyoborere n'imitangire ya serivisi nk'uko byagaragajwe n'abaturage binyuze muri CRC 2019 kugira ngo bafate ingamba zo kunoza imikorere. Mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali ibi biganiro byitabiriwe n'abantu basaga 1500.



Abitabiriye ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu iterambere mu Ntara y'Iburasirazuba




Abitabiriye ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu iterambere mu Ntara y'Amajyepfo

### 1.7.2. Ibiganiro ku byavuye muri RGS ya gatandatu

RGB yahuje abantu b'ingeri zitandukanye mu gikorwa cyo kumurika ku mugaragaro ibyavuye mu bushakashatsi bwa RGS ya gatandatu cyabereye i Kigali ku wa 31 Ukwakira 2019. Iki igkorwa cyitabiriwe n'Abayobozi mu nzego za Leta zitandukanye, abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, abashakashatsi n'impuguke mu miyoborere n'iterambere. Ibi biganiro kandi byanitabiriwe n'impuguke ziturutse mu muryango wa Afurika yunze ubumwe mu gashami gashinzwe gahunda yo kugenzurana hagati y'ibihugu by'Afurika (Africa Peer Review Mechamism-APRM).




Abitabiriye igikorwa cyo kumurika RGS ya gatandatu

Mu biganiro mpaka byakozwe ku bijyanye n'ishusho igaragazwa na RGS, impuguke zitandukanye zashimye uburyo ubu bushakashatsi ari indorerwamo nziza y'u Rwanda igaragaza uko igihugu gihagaze mu nzego zitandukanye bikagira uruhare mu gukosora ibitameze neza mu rwego rwo kwihutisha iterambere.

### 1.7.3. Ibiganiro n'abagize ihuriro rya Pan African Movement, Ishami ry'u Rwanda



Abitabiriye ibiganiro bya PAM

RGB yagiranye ibiganiro n'abagize ihuriro rya Pan-Africa Movement, Ishami ry'u Rwanda ku bijyanye n'uruhare rw'Imiyoborere myiza mu kubaka u Rwanda Twifuza ndetse no kugera ku cyerekezo cya Afurika 2063. Ibi biganiro byabereye i Kigali tariki 05/02/2020 byibanze ku mahame y'imiyoborere n'uburyo akwiye gushyirwa mu bikorwa kugira ngo u Rwanda ndetse na Afurika bibashe kugera ku iterambere rirambye.

### 1.7.4. Ibiganiro n'inzego zitandukanye kuri servisi zihabwa abantu bafite ubumuga

RGB yagiranye ibiganiro n'inzego zitandukanye zirimo iza Leta, iz'abikorera, imiryango itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere ku bijyanye no koroohereza abantu bafite ubumuga kugera kuri serivisi zitandukanye mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'Imiyoborere idaheza.

Ibi biganiro byari bishingiye ku bushakashatsi RGB yakoze kuri serivisi zihabwa abafite ubumuga bukagaragaza ko hakiri icyuho mu nzego zitandukanye nk'uburezi, ubuzima na serivisi zitangwa mu nzego z'ibanze.



Abitabiriye ibiganiro kuri serivisi zihabwa abantu bafite ubumuga

Abitabiriye ibi biganiro bunguranye ibitekerezo ku ngamba zikwiye gufatwa mu kuziba icyuho kikigaragara mu gushyira mu bikorwa politiki ya Leta ijyanye no kudaheza abafite ubumuga no gushyiraho ibikorwaremezo bibafasha kugera kuri serivisi z'ibanze.

### 1.7.5. Inama nyunguranabitekerezo kuri gahunda y'inteko z'Abaturage

RGB yagiranye inama nyunguranabitekerezo n'inzego zitandukanye zirimo Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Urwego rw'Umuvunyi, Urubuga Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda (REAF), Inzego z'ibanze n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku bushakashatsi yakoze hagamijwe gusuzuma niba Inteko z'Abaturage zashyirwa muri gahunda z'umwimerere Nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo. Abitabiriye inama bashyigikiye ibyavuye mu bushakashatsi byemeza ko Inteko z'abaturage ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo. Banunguranye ibitekerezo ku buryo imbogamizi zikigaragara mu mikorere y'Inteko z'abaturage zashakirwa ibisubizo kugira ngo iyi gahunda irusheho gutanga umusaruro.




Abahagarariye inzego zitandukanye mu biganiro ku bushakashatsi bwakozwe ku nteko z'abaturage

### 1.7.6. Ibiganiro n'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere



RGB mu biganiro n'abagize ihuriro ry' imiryango mvamahanga itari iya Leta kuri gahunda y'ibikorwa y'imyaka itanu

RGB yagiranye ibiganiro n'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere hagamijwe kungurana ibitekerezo ku mikorere n'imikoranire, imitangire ya serivisi, ubuvugizi n'ubukangurambaga ku mategeko na politiki.

#### Imbonerahamwe ya 26: Ibiganiro n'imiryango itari iya Leta

| NO | IBIGANIRO | IGIHE | ABITABIRIYE |
|---|---|---|---|
| 1. | Kunoza imikorere, imikoranire n'imitangire ya servisi | 25/9/2019 | Abantu barenga 200 barimo abahagariye Minisiteri n'ibigo bya Leta, abahagarariye imiryango mvamahanga itari iya Leta |
| 2. | Gahunda y'ibikorwa y'imyaka itanu y'Ihuriro ry'imiryango mvamahanga itari iya Leta | 06/02/2020 | RGB n'abagize ihuriro ry'imiryango mvamahanga itari iya Leta |
| 3. | Itegeko rigenga imiryango ishingiye ku myemerere | 26/9/2019 | RGB, RLRC, abahagariye amadini n'amatorero ku rwego rw'uturere, Intara n'umujyi wa Kigali |

Aho byavuye: RURA, Kamena 2020

### 1.7.7. Kwizihiza Umunsi nyafurika w'itangazamakuru (Africa Day of Information)

Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye, RGB yateguye igikorwa cyo kwizihiza Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru ku wa 8 Ugushyingo 2019. Uwo munsi wari ufite insanganyamatsiko igira iti "uruhare rw'Itangazamakuru mu isi yihuta mu ikoranabuhanga". Ibirori byo kwizihiza uyu munsi byitabiriwe n'abantu basaga 300 baturutse mu Rwanda no mu mahanga barimo abakora umwuga w'itangazamakuru, impuguke muri politiki, abashakashatsi, abahagarariye imiryango itari iya Leta n'abikorera.

Kuri uyu munsi kandi RGB yamuritse ibyavuye mu bushakashatsi ku musaruro w'amavugurura yakozwe mu itangazamakuru mu Rwanda mu mwaka wa 2013. Muri make byagaragaye ko impinduka zakozwe mu itangazamakuru mu Rwanda harimo kuvugurura amategeko no gushyiraho Itegeko ryo kubona amakuru byateje imbere ubwisanzure bw'itangazamakuru. Iyi nama yabaye umwanya wo kuganira ku buryo ibitangazamakuru byakomeza gukora kinyamwuga muri iki gihe imbuga nkoranyamabaga ziha buri wese uburyo bwo gutangaza amakuru bigatanga icyuho cyo gukwirakwiza ibihuha (fake news).




Umukuru wa RGB ageza ijambo ku bitabiriye Umunsi Nyafurilka w'itangazamakuru

### 1.7.8. Kwakira amatsinda y'Abanyamahanga no gusangira ubumenyi ku miyoborere

RGB yakiriye amatsinda y'abanyamahanga baturutse mu bihugu bitandukanye birimo Madagascar, Maroc, Ubushinwa na Leta zunze Ubumwe za Amerika ndetse n'abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda.

Ibiganiro RGB yagiranye n'aya matsinda byibanze ku miyoborere y'u Rwanda n'uburyo rwiyubatse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, imikorere y'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere ndetse n'imikorere y'Itangazamakuru.



Abayobozi ba RGB bakira Itsinda ry'Abanyeshuri baturutse muri Maroc



Abayobozi ba RGB bakira iItsinda ry'abadepite baturutse muri Madagascar



Abayobozi ba RGB bagirana ibiganiro n'Umuyobozi w'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa 7 ku rwego rw'isi

### 1.7.9. Ibiganiro ku byegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda

RGB yahuje inzego zitandukanye hagamijwe kuganira ku byegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda. Muri ibyo biganiro RGB yagaragarije ababyitabiriye uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyegeranyo bitandukanye, uburyo bwifashishwa mu kubikora ndetse n'aho abakora ibyo byegeranyo bakura amakuru.

Abitabiriye ibiganiro basabwe gukurikirana ku buryo buhoraho ibyegeranyo bitanga amakuru ku nzego bakoramo, gutanga amakuru nyayo asabwa n'abakora ibyo byegeranyo no gufata ingamba ku bigaragazwa n'ibyo byegeranyo.

### 1.7.10. Ibiganiro ku mikorere n'imikoranire n'inzego z'Itangazamakuru

RGB ku bufatanye n'izindi nzego zifite aho zihuriye n'itangazamakuru yateguye inakora ibiganiro ku ngingo zitandukanye zerekye imikorere y'Itangazamakuru. Ibiganiro by'ingenzi byakozwe birimo:

- Inama yateguwe ku bufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi yahuje inzego zitandukanye n'abakora umwuga w'itangazamakuru hagamijwe kuganira ku burenganzira bwo kubona amakuru. Iyo nama yabereye i Kigali tariki 27 Nzeri 2019 yitabiriwe n'Abayobozi bakuru muri za Ministieri n'ibigo bya Leta, abahagaraiye ibigo by'abikorera n'imiryango itari iya Leta, abayobozi b'ibitangazamakuru n'abanyamakuru.

Muri ibi biganiro hasobanuwe Itegeko ryekeye kubona amakuru ndetse ababyitabiriye baganira ku buryo uburenganzira bwo kubona amakuru buhagaze, imbogamizi zerekeye kubona amakuru n'ingamba zikwiye gufatwa kugira ngo hakurweho izo mbogamizi. Abitabiriye ibi biganiro basabye ko ubukangurambaga ku Itegeko ryerekeye kubona amakuru bwashyirwamo imbagaraga kuko hari bamwe mu batanga amakuru n'abayasaba batari bamenya ko iryo tegeko rihari.



Inama yibanze ku itegeko ryerekeye kubona amakuru

- Ku wa 10/12/2019, RGB yagiranye ibiganiro n'abayobozi b'ibitangazamakuru ndetse n'abayobozi ba gahunda mu bitangazamakuru hagamijwe kurebera hamwe uburyo ibigaragazwa n'ubushakashatsi RGB ikora ku miyobore n'imitangire ya serivisi byamenyeshwa abaturage binyuze mu itangazamakuru. Muri iyi nama RGB yasobanuye uburyo ubushakashatsi bwayo bukorwa n'uburyo amakuru butanga yafasha inzego zitandukanye muri gahunda z'iterambere ry'igihugu.



RGB yagiranye inama n'abayobozi b'ibitangazamakuru

Iby'ingenzi byavuye mu biganiro RGB yagiranye n'inzego zitandukanye ni ibi bikurikira:

- Inzego zitandukanye zamenye ahakeneye kongerwa imbaraga mu rwego rwo kwihutisha iterambere no kunoza imitangire ya serivisi nk'uko bikubiye muri gahunda ya NST1;
- Hakuzasanyijwe ibitekerezo bizifashishwa mu kuvugurura amabwiriza agenga imikorere ya JADF;

- Mu ntara n'Umujyi wa Kigali, hafashwe ingamba zo kunoza ihuzabikorwa n'igenamigambi hagati y'uturere n'Abafatanyabikorwa mu iterambere;
- Hafashwe ingamba zo kongera imbaraga mu bukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru;
- Inzego zitandukanye ziyemeje kunoza imitangire ya serivisi n'imikoranire hagati yazo n'abafatanyabikorwa cyane cyane imikoranire hagati ya za Minisiteri n'Imiryango mvamahanga itari iya Leta;
- Abahagarariye imiryango ishingiye ku myemerere, abayobozi n'abakozi mu nzego zegerejwe abaturage basobanukiwe n'Itegeko rigenga imiryango ishingiye ku myemerere ndetse n'uburyo bwo guhuza imikorere n'imikoranire n'Itegeko rishya rya 2018 rigenga imiryango ishingiye ku myemerere.

## 1.8. UBUYOBOZI N'IMIRIMO RUSANGE

Muri iki cyiciro hakozwe ibikorwa bitandukanye bigamije kubaka ubushobozi bw'Urwego kugira ngo rubashe gusohoza neza inshingano zarwo.

### 1.8.1. Gushyira mu bikorwa gahunda yo kongerera Urwego n'abakozi ubushobozi

Mu rwego rwo gukomeza gushyira mu bikorwa gahunda y'imyaka 7 yo kubaka ubushobozi bw'urwego, abakozi ba RGB bahuguwe ku bintu bitandukanye birimo ubuyobozi n'imitekerereze ireba kure (abakozi 20), imitangire ya serivisi (abokozi 45), itegeko rigenga imitunganyirize y'amasoko ya Leta (bakozi 13), uburyo bushya bwo gutanga raporo ku micungire y'umutungo n'imicungire y'ububiko bw'amakuru ajyanye n'ibikorwa by'ikigo (abakozi 5).



Abakozi ba RGB bitabiriye amahugurwa ku mitangire ya serivisi

### 1.8.2. Guhuza uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwandika imiryango itari iya Leta n'imitwe ya politiki

Mu rwego rwo kwihutisha serivisi yo kwandika no kugenzura imiryango itari iya leta, imiryango mvamahanga, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki; RGB yatangiye igikorwa cyo guhuza uburyo bw'ikoranabuhanga butandukanye busanzwe bukoreshwa mu kwandika no gukurikirana iyo miryango. Icyi gikorwa kigeze ku kiciro cya gatatu ari nacyo cyanyuma kugirango ubu buryo bushobore kurangira bukoreshwe.

### 1.8.3. Gushyira mu buryo bw'ikoranabuhanga ibyavuye mu bushakashatsi bukorwa na RGB (Digitilize RGB research findings)

RGB isanzwe ifite urubuga rw'ikoranabuhanga rwifashishwa mu kubika no kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi bwayo. Mu mwaka wa 2019-2020 urwo rubuga rwashyizweho amakuru agezweho akubiyemo ibyavuye mu bushakashatsi RGB yakoze. Ayo makuru ashyirwaho mu buryo bworohereza abayakeneye kuyabona uko bayifuza mu buryo bwanditse, imbonerahamwe ndetse no mu mibare. Ukeneye kubona no gukoresha ayo makuru abisabira uburenganzira anyuze kuri urwo rubuga.

### 1.8.4. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa bya RGB

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, RGB yari yateganyije ibikorwa 63. Ibikorwa 57 bingana na 90,5% byarakozwe birarangira. Naho ibikorwa 6 bihwanye na 9,5% ntibyarangiye ku mpamvu zitandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe ya 27: Ibikorwa bitarangiye

| IGIKORWA CYARI GITEGANYIJWE | IBYAKOZWE | IMPAMVU IGIKORWA KITARANGIYE |
|---|---|---|
| Isuzuma ry'imitangire ya serivisi mu nzego eshatu | Hakozwe isuzuma mu nzego ebyiri arizo: imitangire ya serivisi ku bantu bafite ubumuga n'imitangire ya serivisi mu gutwara abantu mu buryo bwa rusange | Isuzuma ry'imitangire ya serivisi mu rwego rw'uburezi ryari riteganyijwe mu gihembwe cya gatatu ntiryakozwe kuko cyahuriranye n'icyorezo cya COVID-19. |
| Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'Uwikorera" | Gufatanya n'inzego zitandukanye mu kugenzura ahatangirwa serivisi hagamijwe kureba niba hujuje ubuziranenge n'ibisabwa mu mitangire ya serivisi inoze. Ku bufatanye na RDB, Umujyi wa Kigali, MINISANTE, PSF, RNP hakozwe ubugenzuzi ku mitangire ya serivisi mu mahoteli.<br><br>Hanatanzwe ibiganiro bitandukanye kuri radiyo na televiziyo. | Igenzura ku isuku n'imitangire ya serivisi mu masoko n'amavuriro ntiryakozwe kuko ryari riteganyijwe mu gihembwe cya gatatu cyahuriranye n'icyorezo cya COVID 19.<br><br>Ibiganiro byari biteganyijwe n'abatwara abantu mu Mujyi wa Kigali nabyo ntibyakozwe kubera ingamba zo kwirinda ikwirakwira ry'Icyorezo cya COVID-19. |
| Guhuza ibikorwa no gukurikirana amarushanwa "Umurenge Kagame Cup 2020" | Amarushanwa yarakozwe ku rwego rw'umurenge ndetse n'akarere, hari hasigaye guhurira ku rwego rw'i Ntara n'Umujyi wa Kigali | Amarushanwa y'uyu mwaka w'ingengo y'imari yarasubitswe kubera Icyorezo cya COVID-19 |
| Gukora film mbarankuru enye n'inyandiko zivuga kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo no kuzishyira ku rubuga rw'ikoranabuhanga hagamijwe kuzimenyekanisha | Gukusanya amakuru y'ibanze azifashishwa mu gukora film byarakozwe | Icyorezo cya COVID-19 cyaje hagikusanywa amakuru hirya no hino mu gihugu ahari ibikorwa bigaragaza uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. |
| Gukurikirana ibipimo by'ihame ry'uburinganire muri gahunda z'imiryango itari iya Leta | Hakozwe ibipimo bigomba kugenderwaho mu gukurikirana uko ihame ry'uburinganire ryinjizwa muri gahunda z'imiryango itari iya Leta | Iki gikorwa cyasabaga gukusanya amakuru hasurwa imiryango itari iya Leta, ibi bikaba bitarakunze kubera COVID 19. |
| Guhuza uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwandika imiryango itari iya Leta | Hatanzwe isoko ryo gushaka rwiyemezamirimo uzakora ako kazi. Iri soko rikorwa mu byiciro bitatu. Ibyiciro bibiri byarangiye, harimo gukorwa icyiciro cya nyuma. | Kubera ko imirimo izakorwa isaba ubumenyi bwihariye byasabye ko hakorwa isesengura rihuriweho n'abafatanyabikorwa batandukanye bituma bifata umwanya urenze uwari uteganyijwe. |

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020, RGB yari yateganyije gutanga amasoko 25. Amasoko yatanzwe akarangira ni 15 (60%) andi umunani (8) (32%) ntararangira naho abiri asigaye ariyo kugura ibikoresho by'ikoranabuhanga na programu za mudasobwa na serivisi z'isuku n'isukura yakuwe mu igenamigambi ry'Urwego kuberako ingengo y'imari yabaye nkeya ugeranije niyari ikenewe.

### 1.8.5. Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2019-2020


RGB yari yagenewe ingengo y'imari y'amafaranga y' u Rwanda 3.810.932.315 Frw. Muri ayo mafaranga, 1.996.545.944 Frw yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta naho 1.814.386.371 Frw yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'Imiyoborere myiza.

Imbonerahamwe ikurikirana igaragaza uko ingengo y'imari yakoreshejwe.

Imbonerahamwe ya 28: Ingengo y'imari yagenwe n'iyakoreshejwe mu mafaranga y'u Rwanda

| AHO INGENGO Y'IMARI YATURUTSE | INGENGO Y'IMARI RGB YAHAWE | INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE | INGENGO Y'IMARI ITARAKORESHEJWE |
|---|---|---|---|
| **DDAG** | 406.241. 712 | 406.001.709 | 240.003 |
| **CSO** | 552.364.528 | 551.816.577 | 547.951 |
| **DFID** | 855.780.131 | 851.148.209 | 4.631.922 |
| **IMISHINGA** | 1.814.386. 371 | 1.808.966.495 | 5.419.876 |
| **INGENGO Y'IMARI YA LETA** | 1.996.545.944 | 1.706.850.685 | 289.695.259 |
| **Igiteranyo** | **3.810.932.315** | **3.515.817.180** | **295.115. 135** |

Ishusho ya 8: Imikoreshereze y'ingengo y'imari




Aho byavuye: RGB, Raporo y'imikoreshereze y'imari, 2019-2020

Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 92,26% ni ukuvuga 85,5% by'imari ya Leta na 99,7% by'ingengo y'imari y'imishinga.

### 1.8.6. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta

Inama Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yahaye Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere zashyizwe mu bikorwa zose uko zatanzwe.

### 1.8.7. Gushyira mu bikorwa ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa bya RGB (Communication strategy)

RGB ikorana n'ibitangazamakuru bitandukanye mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa byayo no gusobanurira abanyarwanda gahunda zitandukanye zigendanye n'inshingano zayo.

RGB yakoze ibiganiro 17 byanyuze kuri Radio na Televiziyo bitandukanye. Ibi biganiro byakorwaga mu buryo ababikurikiye bashobora kubigiramo uruhare batanga ibitekerezo cyangwa babaza ibibazo. Ingingo zagarutsweho cyane muri ibi biganiro ni izi zikurikira:

- Ibyavuye muri RGS ya gatandatu;
- Intambwe imaze guterwa mu miyoborere mu myaka 25 ishize;
- Iterambere ry'urwego rw'itangazamakuru mu myaka 25 ishize;
- Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa;
- Uburenganzira bwo kubona amakuru;
- Icyizere abanyarwanda bafitiye imitwe ya politike nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
- Uruhare rw'Imiryango ishingiye ku myemerere mu kurwanya ikwirakwira rya COVID-19.

### 1.8.8. Kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB no mu bafatanyabikorwa

Mu bikorwa byayo no mu by'abafatanyabikorwa bayo, RGB iharanira ko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa. Ni muri uru rwego hakozwe ibikorwa binyuranye mu nzego zitandukanye bigamije kwimakaza ihame ry'uburinganire nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe ya 29: Ibyakozwe mu kwimakaza ihame ry'uburinganire

| URWEGO | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Itangazamakuru | Ku bufatanye bw'Inama nkuru y'Itangazamakuru n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abagore bakora Umwuga w'Itangazamakuru (ARFEM), hakozwe isesengura ku iyubahirizwa ry'uburinganire mu rwego rw'itangazamakuru.<br><br>Mu bihembo ngarukamwaka bihabwa abanyamakuru b'indashyikirwa harimo icy'umwihariko cyagenewe umunyamakuru w'umugore. |
| Imiryango itari iya Leta | Ihame ry'uburinganire ni kimwe mu bigenderwaho mu guhitamo imishinga y'imiryango itari iya Leta iterwa inkunga.<br><br>Hahuguwe abafatanyabikorwa 66 (abagabo 35, abagore 31) baturutse mu miryango itari iya Leta ku birebana no kwimakaza ihame ry'uburinganire mu bikorwa byabo.<br><br>Hateguwe ibipimo RGB izagenderaho mu kugenzura uko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa mu miryango itari iya Leta. |
| Kubaka ubushobozi bw'abakozi | Mu mahugurwa yahawe abakozi ba RGB ku ngingo zitandukanye ihame ry'uburinganire ryitaweho. |
| Ubushakashatsi n'igenzura bikorwa na RGB | RGB yubahiriza ihame ry'uburinganire mu ishyirwaho ry'ibipimo, uburyo bukoreshwa mu bushakashatsi, isesengura ry'ibyavuye mu bushakashatsi no mu igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi. |

### 1.8.9. Gushyira ahagaragara icyegeranyo kigaragaza intambwe u Rwanda rwateye mu myaka 25 rubikesha imiyoborere myiza

Icyegeranyo kigaragaza intambwe u Rwanda rwateye mu myaka 25 rubikesha imiyoborere myiza gikubiyemo amakuru y'ibyagezweho mu nkingi eshatu za guverinoma arizo ubukungu, imibereho myiza, imiyobore n'ubutabera. Iki cyegeranyo cyarakozwe ariko igikorwa cyo kugishyira ahagaragara nticyashobotse kubera icyorezo cya COVID-19.

### 1.8.10. Gutegura raporo y'ibikorwa ya 2019-2020

Raporo y'ibikorwa ya RGB y'umwaka wa 2019-2020 yarateguwe ishyikirizwa inzego bireba.

### 1.8.11. Uruhare mu kubaka umuryango nyarwanda

Mu rwego rwo kugoboka abagizweho ingaruka na gahunda ya guma mu rugo hagamijwe kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19, abakozi ba RGB batanze inkunga y'amafaranga 4.000.000 Frw yashyikirijwe MINECOFIN yari ifite inshingano zo guhuza ibikorwa byo gutanga inkunga ku bagezweho n'izo ngaruka.

IGICE CYA 2:

# IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO


## 2.1. IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO

Hagendewe ku byavuye mu bushakashatsi, isesengura ndetse n'igenzura byakozwe na RGB, hagaragajwe ibibazo bikwiye kwitabwaho no gukurikiranwa mu buryo bw'umwihariko mu rwego rwo kwihutisha iterambere ry'Igihugu. Bimwe muri ibyo bibazo birerekanwa hakurikijwe ibyiciro ndetse n'inzego zigomba kubikurikirana.

### 2.1.1. Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi

Ubuhinzi ni imwe mu nkingi zikomeye z'ubukungu bw'u Rwanda kuko abanyarwanda barenga 70% batunzwe n'umwuga w'ubuhinzi mu gihe 29% (NISR 2018) by'umusaruro mbumbe w'igihugu byihariwe n'ubuhinzi. N'ubwo iyi nkingi ifite akamaro ku bukungu bw'igihugu n'imibereho myiza y'abaturage, haracyagaragara imbogamizi muri serivisi zitangwa mu rwego rw'ubuhinzi nk'uko bigaragazwa na CRC 2020.

Ishusho ya 9: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi




Aho byavuye: CRC 2020

Serivisi yo gukoresha imashini mu buhinzi inengwa n'abaturage ku gipimo cya 73% mu gihe abavuze ko batazi iyi serivisi bari ku gipimo cya 22,10%. Izindi serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi zikinengwa n'abaturage ku gipimo cyo hejuru zirimo iyo kuhira imyaka yanagaragaye muri CRC 2019 mu zanengwaga cyane n'abaturage.

Mu zindi serivisi z'ubuhinzi zinengwa cyane kurusha izindi harimo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi no kubona isoko ry'umusaruro w'ubuhinzi n'iry'uw'amata. Inzego zibishinzwe zikwiye gushyiraho ingamba zo gukemura ibi bibazo kugira ngo abahinzi babone ibikenewe bibafasha kongera umusaruro.

## 2.1.2. Icyiciro cy'uburezi

U Rwanda rwihaye intego yo kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi. Ni muri urwo rwego uburezi bufatwa nk'inkingi ya mwamba mu kugera kuri iyi ntego. Icyakora, mu rwego rw'uburezi cyane cyane mu mashuri abanza n'ayisumbuye haracyagaragara ibibazo bibangamiye iterambere ry'uru rwego nk'uko biri mu ishusho ikurikira igaragaza uburemere abaturage baha inzitizi zikiri mu burezi.

Ishusho ya 10: Uko abaturage babona zimwe mu nzitizi ziri mu burezi




Aho byavuye: CRC 2020


Inzitizi zibangamiye uburezi zagaragajwe n'abaturage zirimo abana bata ishuri, kwimura bana batatsinze, ibikorwaremezo bidahagije ndetse n'ubucucike mu mashuri. Ibi bibazo bikomeje kugaruka mu bushakashatsi bwa CRC buri mwaka bityo hakaba hakwiye gushakwa ingamba zo kubikemura mu buryo burambye kugira ngo igihugu gishobore kugera ku ntego cyihaye mu rwego rw'uburezi.

## 2.1.3. Imitangire ya serivisi

- **Imitangire ya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga**

Mu gihe interineti ari kimwe mu by'ibanze bishingirwaho kugira ngo abaturage babashe guhabwa serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga, CRC 2020 yerekanye ko serivizi za interineti zitazwi na benshi mu babajijwe.

Uko abaturage babona imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi




CRC 2020 igaragaza ko interineti itazwi ku kigero kingana na 45%. Uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe nitwo tugaragaramo abatazi interineti benshi ku gipimo cya 73.7%. Mu Mujyi wa Kigali niho abatazi interineti bari ku gipimo cyo hasi kiri hagati ya 18% na 27% naho mu turere tw'imijyi yunganira Kigali abatazi interineti bari hagati ya 44% na 66%.

Zimwe mu mbogamizi zagaragaye mu biganiro n'abayobozi harimo ikoranabuhanga ritaragera ku baturage uko bikwiye, ibikorwaremezo by'ibanze nk'amashanyarazi bidahagije cyane cyane mu bice by'icyaro, ubumenyi bucye ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ndetse n'itumanaho ritameze neza kuri telefoni na radiyo mu bice bimwe na bimwe.

Ibi bikerekana ko hakenewe kongera no kunoza serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga kugira ngo intego igihugu cyihaye izagerweho.

- **Ahatangirwa serivisi mu nzego z'ibanze**

Byagaragaye ko hari aho Imirenge n'Utugari bikorera mu nyubako zishaje cyane bikabangamira imitangire ya serivisi, hakwiriye gushaka ubushobozi bwo gushakira aho gukorera haboneye izo nzego z'ibanze kugirango zibashe gutanga serivisi zinoze.

- **Kubaka umuco wo kunoza imitangire ya serivisi**

Mu igenzura ry'imitangire ya serivisi RGB yakoze mu nzego zitandukanye byagaragaye ko nta buryo buhamye inzego zashyizeho mu rwego rwo kunoza no kubaka umuco wo gutanga serivisi inoze.

## 2.1.4. Imbogamizi muri serivisi zihabwa abantu bafite ubumuga

Igenzura RGB yakoze ryagaragaje ko inzego z'inama y'igihugu y'abantu bafite ubumuga mu nzego z'ibanze zidakora uko bikwiye bitewe no kutamenya amategeko no kutabona ibyangombwa by'ibanze zikeneye mu gusohoza inshingano.


Kuba abantu bafite ubumuga batarashyirwa mu byiciro by'ubumuga kandi serivisi bahabwa cyane cyane iz'Ubvuzi zishingira ku byiciro by'ubumuga butuma abenshi batazibona uko bikwiye ahubwo bakazihabwa hagendewe kuby'iciro by'ubudehe.

Abantu bafite ubumuga kandi baracyagorwa no kugera kuri serivisi zitandukanye kuko aho zitangirwa henshi nta bikorwaremezo bibafasha bihari. Ikindi kandi abantu bafite ubumenyi bwo kuborohereza kugera kuri serivisi (abazi gukoresha ururimi rw'amarenga) baracyari bake.

### 2.1.5. Ibibazo byo mu muryango

Umuryango ufatwa nk'ishingiro ry'iterambere ariko abaturage bakomeje kugaragaza ko ubusugire bw'umuryango bukibangamiwe n'ibibazo by'ingeri zitandukanye. Ishusho ikurikira iragaragaza uko abaturage babona uburemere bw'ibibazo bikigaragara mu muryango.

Ishusho ya 11: Bimwe mu bibazo byugarije umuryango




Aho byavuye: CRC 2020

Biragaragara ko inda ziterwa abangavu, amakimbirane yo mu miryango, ndetse n'ubuharike no gutandukana kw'abashakanye bikiza ku isonga mu kubangamira umuryango. Ibi bibazo bikeneye kwitabwaho n'inzego bireba mu bufatanye kugira ngo umuryango urusheho gutekana no gutera imbere.

### 2.1.6. Icyiciro cy'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

- **Imiryango itari iya Leta**

Igenzura rihoraho rikorwa na RGB rigaragaza ko imiryango imwe n'imwe itabasha gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa iba yaratanze yiyandikisha ndetse ntinatange raporo ziteganywa n'itegeko.

- **Imiryango ishingiye ku myemerere**

Mu miryango itandukanye ishingiye ku myemerere hakomeje kugaragara ikibazo cy'imiyoborere n'imicungire y'umutungo bitanoze aho akenshi usanga inzego z'iyo miryango (ngenzuzi, nkemurampaka) zituzuza neza inshingano zazo. Ibyo bikurura amakimbirane ya hato na hato muri iyo miryango.

- **Imiryango yita ku mikino na siporo**

Igenzura RGB yakoze ku miyoborere mu miryango yita ku mikino na siporo ryagaragaje ko inzego z'iyi miryango zidakora uko bikwiye bigateza icyuho mu miyoborere, imicungire y'umutungo n'iyubahirizwa ry'amategeko iyo miryango iba yarashyizeho. Ibi biteza amakimbirane ya hato na hato bikanadindiza iterambere rya siporo.

RGB izakomeza gukorana n'inzego zose bireba mu rwego rwo kunoza imikorere n'imiyoborere mu miryango itari iya

Leta n'ishingiye ku myemerere. RGB kandi izakomeza gutanga ubujyanama mu ivugurura ry'amategeko agenga iyi miryango igihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe gushyiraho uburyo biyifasha kurushaho gukora neza no kugera ku nshingano yayo.

### 2.1.7. Mu rwego rw'Itangazamakuru

- **Amikoro y'ibitangazamakuru**

Muri rusange ibitangazamakuru byo mu Rwanda bifite ikibazo cy'amikoro cyanarushijeho kugira ubukana kubera ingaruka za COVID-19.

Hakenewe uburyo buhamye bwo kongera amikoro y'ibitangazamakuru burimo no gukangurira abanyamakuru kwitabira kuzigama mu Kigega cy'Iterambere ry'Abanyamakuru (Media Development Fund). Ikindi kandi hifujwe ko itangazamakuru ryatekerezwaho rigashyirwa mu nzego zizagobokwa n'ikigega cyo guhangana n'ingaruka za COVID-19.

- **Imikorere y'imbuga nkoranyambaga**

Uko ikoranabuhanga rirushaho gutera imbere no kwegera abaturage, hari bamwe barikoresha nabi batangaza ibihuha, inkuru z'urukozasoni, inkuru zibiba urwango n'izigamije kuyobya abaturage.
Hakenewe ishyirwaho rya politiki igenga imikorere n'imikoresherezey'imbuga nkoranyambaga no gukomeza kwigisha abaturage gusesengura amakuru atangazwa kuri izo mbuga (media literacy).

### 2.1.8. Ibindi bikeneye kwitabwaho nk'uko byagaragajwe na RGS ya 7

Imbonerahamwe ya 30: Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe na RGS ya 7

| IBIKWIYE KWITABWAHO | INZEGO BIREBA |
|---|---|
| Gushyiraho ingamba zirambye zo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere. | MoE, MININFRA, MINALOC, REMA |
| Kwita ku ireme ry'uburezi hagamijwe ubukungu bushingiye ku bumenyi. | MINEDUC, REB, HEC, UTURERE |
| Kongerera agaciro ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga kugira ngo bibashe gupiganwa ku isoko mpuzamahanga no kugabanya ikinyuranyo kiri hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga. | MINICOM, RDB, PSF |
| Kwihutisha ishyirwa mu byiciro by'ubumuga hagamijwe kunoza imitangire ya serivisi ku bantu bafite ubumuga. | MINALOC, LODA, NCPD |
| Kunoza no kurushaho guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi. | MINICT, MININFRA, RISA, IREMBO |
| Kongera imbaraga muri gahunda y'Igihugu yo guhanga imirimo mishya idashingiye ku buhinzi. | MIFOTRA, BDF, RDB |

3

IGICE CYA 3:

# ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

## 3.1. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

Nyuma yo gusesengura raporo y'ibikorwa ya RGB y'umwaka wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2019-2020, Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi yafashe imyanzuro isaba RGB kuyishyira mu bikorwa.

### Imbonerahamwe ya 31: Uko imyanzuro y'Inteko ishinga amategeko yashyizwe mu bikorwa

| No | UMWANZURO | ICYAKOZWE |
|---|---|---|
| 1 | Gushyira mu bikorwa Ububasha Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere ruhabwa n'itegeko No 056/2016 ryo ku wa 16/12/2016 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), rikanagena inshingano, imitunganyirize n'imikorere byarwo cyane cyane ubuvugwa mu ngingo ya 6 agace ka mbere gaha RGB ububasha bwo "gusaba ibisobanuro ku byerekeye imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta n'iz'abikorera no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi, inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi" no kugaragaza muri raporo y'ibikorwa bya buri mwaka uko ubwo bubasha bwashyizwe mu bikorwa. | • RGB yashyize imbaraga mu bukangurambaga ku miyoborere n'imitangire ya serivisi inoze. Ubu bukangurambaga bwakozwe binyuze muri gahunda ya "Nk'Uwikorera" hifashishijwe itangazamakuru, ibiganiro n'abafatanyabikorwa n'abaturage.<br>• Murwego rwo kwimakaza imitangire ya servisi inoze RGB yagiranye ibiganiro n'inzego zitandukanye cyane cyane zigaragarizwa imbogamizi zihari n'ingamba zafatwa kugirango serivisi zirusheho kunozwa.<br><br>Nyuma y'ubu bukangurambaga, RGB iteganya ko inzego zizagaragaraho imikorere mibi zizasabirwa ibihano nk'uko biteganywa n'itegeko. |
| 2 | Gutegura ingengabihe (roadmap) n'ingamba zo gukurikirana no kugira inama inzego za Leta, iz'abikorera na sosiyete sivile mu rwego rwo gutanga serivisi nziza, bigakorwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) | Ingengabihe y'ingamba zo gukurikirana no kugira inama inzego zitandukanye ku birebana n'imitangire ya serivisi yinjijwe mu bikorwa by'umwaka bya RGB 2019-2020. Hagendewe kuri iyo ngengabihe, RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta 20, imiryango itari iya Leta 20 n'inzego z'abikorera 10. Ibyavuye mu igenzura byasangijwe inzego bireba nk'uburyo bwo kuziha inama no kuzereka ahakigaragara intege nke mu mitangire ya serivisi kugira ngo bikosorwe. |
| 3 | Kugaragaza muri raporo ya buri mwaka incamake y'ibyagaragajwe n'ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda aho kugaragaza gusa imyanya n'amanota u Rwanda rufite (ranking) muri ibyo byegeranyo | RGB yasesenguye ibyegeranyo mpuzamahanga ku miyoborere bitandukanye bivuga ku Rwanda. Incamake y'ibyagaragajwe n'iryo sesengura yashyizwe muri iyi raporo.<br><br>Ikindi ni uko hakozwe ibiganiro kuri ibi byegeranyo n'inzego bireba hanafatwa ingamba zo gukurikirana ibibazo bigaragaramo. |
| 4 | Kugaragaza muri raporo ya buri mwaka intambwe u Rwanda rugenda rutera muri gahunda y'imiyoborere | RGB yakoze ubushakashatsi Ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi (CRC 2020).<br><br>RGB kandi yakoze ubushakashatsi ku miyoborere hifashishijwe Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 7).<br><br>Incamake y'ibyavuye muri ubwo bushakashatsi yagaragajwe muri iyi raporo hanatangwa n'imigereka y'ubwo bushakashatsi. |

4

IGICE CYA 4:

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2020-2021

## 4.1. GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA 2020-2021

Ibikorwa RGB izakora mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 bikubiye mu byiciro bikurikira:

### 4.1. Ubushakashatsi ku miyoborere

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Gukora ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 8);
- Gukora ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC ya 2021);
- Gukora ubushakashatsi kuri gahunda mbonezamikurire y'abana (Early Childhood Development-ECD);
- Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda no kugaragariza inzego bireba iburyo bwo gukemura ibibazo bugaragara muri ibyo byegeranyo
- Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana ubushakashatsi bukorwa ku miyoborere no kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo;
- Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi.

### 4.2. Gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kwandikisha mu Rwanda gahunda eshatu z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo;
- Kwandikisha ku rwego mpuzamahanga gahunda imwe y'umwimerere nyarwanda yo kwishakamo ibisubizo;
- Gushyira amakuru ajyanye na gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo ku rubuga rw'ikoranabuhanga (Digital Platform) hagamijwe kuzimenyekanisha;

### 4.3. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza, Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Uturere (JADF)

Muri iki cyiciro, hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kuvugurura ibipimo by'imitangire ya serivisi;
- Gutegura imfashanyigisho izifashishwa mu mahugurwa ku mitangire ya serivisi mu nzego za Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya Leta;
- Kugenzura imitangire ya serivisi mu bigo 45 mu nzego za Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya Leta;
- Gukora igenzura ryihariye ku mikorere n'imitangire ya serivisi mu rwego rw'uburezi;
- Gukora isesengura ry'imitangire ya serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga mu bigo 50 bya Leta;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa y'imyanzuro yavuye mu bugenzuzi RGB yakoze ku mitangire ya serivisi;
- Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera";
- Gukora ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza " mu turere 17;
- Kugirana ibiganiro n'urubyiruko rwiga muri kaminuza n'amashuri makuru 5 hagamijwe kwimakaza amahame y'imiyoborere;
- Kugirana ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri y'isumbuye 5 hagamijwe kwimakaza amahame y'imiyoborere;

- Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho (PR&PL);
- Gutegura inama ziteganywa n'itegeko z'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF);
- Guhuza no kugenzura gahunda zo kongerera ubushobozi Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) mu turere twose.

## 4.4. Kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta, Imiryango nyarwanda itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere yujuje ibyangombwa bisabwa;
- Kurangize ugikorwa cya "system" y'ikoranabuhanga yo kwandika imiryango nyarwanda n'Imiryango mvamahanga itari iya Leta, n'imiryango ishingiye ku myemerere no guhugura abakozi babukoresha;
- Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko ku miryango mvamahanga n'imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki;
- Ibiganiro n' imiryango mvamahanga itari iya Leta, Imiryango nyarwanda itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya Politiki ku bijyanye n'imiyoborere, imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amategeko;
- Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki;
- Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta n'ishingiye kumyemerere kugira ngo irusheho kugira uruhare mu kuzamura ubukungu n'imibereho y'abaturage;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga y'imiryango itari iya Leta yatewe inkunga.

## 4.5. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru;
- Gukora ubushakashatsi ku gipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (Rwanda Media Barometer - RMB 4th Edition);
- Gutegura umunsi nyafurika w'itangazamakuru;
- Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru.

## 4.6. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'urwego

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko by'umwaka wa 2020-2021;
- Gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya 2021-2022;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB;
- Kubaka ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire mu bikorwa byayo;
- Gushyira mu bikorwa ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa bya RGB.

## 4.7. Gukora ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere mu byiciro bitandukanye

- Kugirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa batandukanye

## 4.8. Ingengo y'imari ya RGB ya 2020-2021

| INGENGO Y'IMARI YA RGB 2020/2021 | | |
|---|---|---|
| | **INGENGO Y'IMARI ITANGWA NA LETA** | **1.632.697.061** |
| 1 | Ubuyobozi n'imirimo rusange | 1.426.930.932 |
| 2 | Ibiganiro bigamije ubuvugizi. ubujyanama no guhana ubumenyi | 2.000.000 |
| 3 | Imitangire ya serivisi. Imiyoborere myiza na JADF | 22.000.000 |
| 4 | Guteza imbere Imitwe ya politiki. imiryango itari iya Leta n'sihingiye ku myemerere | 62.199.772 |
| 5 | Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru | 9.950.000 |
| 6 | Ubushakashatsi ku miyoborere | 109.616.357 |
| | **INGENGO Y'IMARI ITURUKA MU BAFATANYABIKORWA** | **1.098.716.311** |
| 1 | DDAG | 467.061.541 |
| 2 | CSOs Strengthening Joint Program | 782.888.926 |
| | **IGITERANYO** | **2.731.413.372** |

5

IGICE CYA 5:

**IMIGEREKA**

1. Rwanda Governance Scorecard 7th Edition
2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2020)
3. Service Delivery Assessment 2019
4. RGB plan of action 2020-2021

ABAFATANYABIKORWA

URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw P.O Box 6819, Kigali